# REPUBULIKA Y'U RWANDA
## KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# *RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA MU MWAKA WA 2021-2022*

***Kanama 2022***

**IJAMBO RY'IBANZE**

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nº 31/2005 rigena Imiterere n'Imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujuwe kugeza ubu, mu ngingo ya 4, "Komisiyo ishyikiriza buri mwaka Perezida wa Repubulika porogaramu na raporo z'ibikorwa byayo, Inteko Ishinga Amategeko, Guverinoma, Urukiko rw'Ikirenga na Minisiteri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo bagenerwa kopi." Ni muri urwo rwego ko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguwe iyi Raporo irambuye y'ibikorwa byayo byo mu mwaka wa 2021-2022.

Muri uyu mwaka Komisiyo y'Igihugu y'amatora yashyize imbaraga cyane cyane mu bikorwa by'imyiteguro n'imiyoborere y'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yakozwe mu Ukwakira-Ugushyingo 2021. Raporo y'ayo matora yashyikirijwe inzego ziteganywa n'amategeko.

Komisiyo yibanze ku bikorwa by'amatora yo gusimbura Abayobozi batari bakiri mu myanya mu Nama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali muri Werurwe 2022, ku gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora, ku kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo binyuze mu nzira zitandukanye, kunoza imikorere n'imikoranire n'izindi nzego no kongerera ubushobozi Komisiyo, binyuze mu gushaka serivisi n'ibikoresho ndetse n'amahugurwa.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira abafatanyabikorwa bose uruhare rwabo mu bikorwa by'amatora harimo Guverinoma y'u Rwanda ku bushobozi yayigeneye, n'Abanyarwanda bose muri rusange ku bwitabire n'imyitwarire myiza bagaragaje mu matora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iboneyeho kandi umwanya wo gukangurira Abanyarwanda ibikorwa by'amatora ya Komite y'Abunzi ateganyijwe muri Nzeri-Ukwakira 2022 n'imyiteguro y'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ateganyijwe mu mwaka utaha wa 2023.

Kigali, ku wa 07 Ukwakira 2022.

Digitally signed by NEC(CHAIRMAN)

**Prof. KALISA MBANDA**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

# ISHAKIRO

**ILISITI Y'IMBONERAHAMWE** .......... **4**
**AMAGAMBO AHINNYE** .......... **5**
**1. INTANGIRIRO** .......... **6**
**2. IBIKORWA BYARI BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2021-2022** .......... **6**
**3. IBYAKOZWE** .......... **7**
**3.1. KUNOZA AMATEGEKO AGENGA AMATORA** .......... **7**
3.1.1. GUTEGURA NO GUKURIKIRANA IVUGURURWA RY'ITEGEKO NGENGA RIGENGA AMATORA .......... 7
3.1.2. GUKURIKIRANA ITEGURWA N'IYEMEZWA RY'AMATEKA AREBANA N'AMATORA .......... 7
3.1.3. GUTEGURA AMABWIRIZA AGENGA AMATORA .......... 7
**3.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA** .......... **7**
3.2.1. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA Y'ABAYOZI B'INZEGO Z'IBANZE N'AB'INAMA Z'IGIHUGU .......... 8
3.2.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA YUZUZA NJYANAMA NA NYOBOZI BY'UMUJYI WA KIGALI .......... 26
3.2.3. IKORANABUHANGA MU BIKORWA BY'AMATORA .......... 29
**3.3. GUTANGA INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA** .......... **30**
3.3.1. GUTEGURA NO GUSUZUMA GAHUNDA Y'INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA .......... 30
3.3.2. GUTEGURA NO GUTUBURA IMFASHANYIGISHO .......... 31
3.3.3. GUTANGA AMAHUGURWA KU MATORA .......... 31
**3.4. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYA NEC N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO** .......... **31**
3.4.1. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA .......... 31
3.4.2. IMIKORANIRE N'IZINDI NZEGO .......... 32
**3.5. IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA** .......... **33**
3.5.1. IMICUNGIRE Y'ABAKOZI .......... 33
3.5.2. IMICUNGIRE Y'INGENGO Y'IMARI .......... 34
**3.6. IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA** .......... **34**
3.6.1. IMIKORERE Y'INAMA Y'ABAKOMISERI .......... 34
3.6.2. IMIKORERE Y'UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA .......... 35
3.6.3. KUNOZA IMIKORERE YA NEC .......... 35
**3.7. KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA** .......... **38**
3.7.1. KONGERA UBUSHOBOZI BW'ABAKOZI .......... 38
3.7.2. KONGERA UBUSHOBOZI BW'IKORANABUHANGA .......... 38
**3.8. IBYAGEZWEHO N'INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE** .......... **40**
**4. INZITIZI ZAGARAGAYE N'INGAMBA** .......... **40**
**5. IBIKORWA BY'INGENZI BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2022-2023** .......... **41**
**6. UMUSOZO** .......... **41**

## ILISITI Y’IMBONERAHAMWE


*Imbonerahamwe ya 1: Imibare y’abayoboye amatora kuri buri rwego rw’Ubuyobozi* ............................ 8
*Imbonerahamwe ya 2: Ibikoresho by’ingenzi byaguzwe n’agaciro kabyo* ................................................ 9
*Imbonerahamwe ya 3 : Indorerezi zakurikiranye amatora* ........................................................................ 9
*Imbonerahamwe ya 4: Umubare wa kandidatire zakiriwe n’izemejwe* .................................................. 11
*Imbonerahamwe ya 5: Imibare ya Site z’itora zakoreshejwe kuri buri rwego* ........................................ 12
*Imbonerahamwe ya 6: Ubwitabire n’Abatowe nk’Inteko itora Komite Nyobozi z’Imidugudu* ................ 14
*Imbonerahamwe ya 7: Ubwitabire n’Abatowe mu matora y’Abagize Komite Nyobozi z’Imidugudu* ...... 14
*Imbonerahamwe ya 8: Imibare y’abatowe mu Nama Njyanama z’Utugari* ............................................ 15
*Imbonerahamwe ya 9: Imibare y’abatoyen’Abatowe muri Biro z’Inama Njyanama z’Utugari* ............. 16
*Imbonerahamwe ya 10: Imibare y’abatowe bagize Inama Njyanama z’Imirenge* .................................. 17
*Imbonerahamwe ya 11: Umubare w’Abayobozi batowe muri Biro z’Inama Njyanama z’Imirenge* ....... 17
*Imbonerahamwe ya 12: Ubwitabire mu matora y’Abajyanama b’Abagore bangana nibura na 30%* .... 18
*Imbonerahamwe ya 13: Ubwitabire mu matora y’Abajyanama Rusange n’Abatowe mu Turere bose* ... 18
*Imbonerahamwe ya 14: Abayobozi bose b’Inzego z’Ibanze batowe* ...................................................... 18
*Imbonerahamwe ya 15: Imibare y’abatowe mu Nama z’Igihugu kuri buri rwego* ................................ 19
*Imbonerahamwe ya 16: Abagabo n’abagore batowe mu Nama z’Igihugu n’Inzego z’Ibanze* ................ 19
*Imbonerahamwe ya 17: Abatowe muri Biro na Komite Nyobozi by’Uturere* ......................................... 20
*Imbonerahamwe ya 18: Abatowe muri Komite Nyobozi z’Inama z’Igihugu ku rwego rw’Igihugu* ......... 24
*Imbonerahamwe ya 19: Amakuru ku bayobozi batowe yashyizwe mu mashini* ...................................... 24
*Imbonerahamwe ya 20: Imibare y’Abatowe bamaze kwandikwa mu mashini mu Ntara/Kigali* ............. 25
*Imbonerahamwe ya 21: Gahunda y’amatora yuzuza Njyanama na Nyobozi by’Umujyi wa Kigali* ........ 26
*Imbonerahamwe ya 22: Abayoboye amatora n’aho baturutse* ............................................................... 26
*Imbonerahamwe ya 23: Ibikoresho by’amatora byakoreshejwe* ........................................................... 27
*Imbonerahamwe ya 24: Abakandida mu Nama Njyanama y’Umujyi wa Kigali bemejwe* ....................... 27
*Imbonerahamwe ya 25: Ubwitabire mu matora yo kuzuza Inama Njyanama y’Umujyi wa Kigali* ......... 28
*Imbonerahamwe ya 26: Ibyavuye mu matora yuzuza Njyanama y’Umujyi wa Kigali* ............................ 28
*Imbonerahamwe ya 27: Ubwitabire mu matora yo kuzuza Komite Nyobozi y’Umujyi wa Kigali* ........... 29
*Imbonerahamwe ya 28: Ibyavuye mu matora yuzuza Komite Nyobozi y’Umujyi wa Kigali* .................... 29
*Imbonerahamwe ya 29: Imibare y’abari ku Ilisiti y’itora ntakuka mu matora y’Inzego z’Ibanze* ........... 29
*Imbonerahamwe ya 30: Imiterere y’Ilisiti y’itora ku wa 31/03/2022* ....................................................... 30
*Imbonerahamwe ya 31: Ubwitabire mu nama ku Burere Mboneragihugu mu 2019-2021* ...................... 30
*Imbonerahamwe ya 32: Umubare w’imfashanyigisho zatubuwe n’ingengo y’imari yakoreshejwe* ........ 31
*Imbonerahamwe ya 33: Imibare y’abahuguwe ku matora mu mwaka wa 2021-2022* ............................ 31
*Imbonerahamwe ya 34: Isuzumamikorere ry’abakozi ba NEC mu mwaka wa 2020-2021* ...................... 33
*Imbonerahamwe ya 35: Ingengo y’imari ya NEC n'uko yakoreshejwe mu mwaka wa 2021-2022* ......... 34
*Imbonerahamwe ya 36: Amasoko yatanzwe muri NEC mu mwaka wa 2021-2022* ................................ 36
Imbonerahamwe ya 37*: Abakozi bitabiriye amahugurwa ku micungire y’amasoko ya Leta* ................... 38
*Imbonerahamwe ya 38: Ibikoresho na porogaramu by’ikoranabuhanga byaguzwe* ............................... 39
*Imbonerahamwe ya 39: Ingengo y'Imari yose yakoreshejwe mwaka wa 2021-2022* ............................... 40

## AMAGAMBO AHINNYE

| | |
|---|---|
| CNF | Inama y'Igihugu y'Abagore (Conseil National des Femmes/ National Women Council) |
| CNJ | Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (Conseil National Des Jeunes/ National Youth Council) |
| COVID | Corona Virus Desease |
| CR | Icyemezo cy'Ubutabera (Criminal Record) |
| CV | Umwirondore (Curriculum Vitae) |
| CUG | Closed Users Group |
| EALA | Inteko Ishinga Amategeko y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (East African Legislative Assembly) |
| GMO | Gender Monitoring Office |
| MINECOFIN | Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (Ministry of Finance and Ecoomic Planning) |
| MIFOTRA | Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (Ministry of Public Service and Labor) |
| MTEF | Medium Term Expenditure Framework |
| NCPD | Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga (National Council for People with Disabilities) |
| NEC | Komisiyo y'Igihugu y'Amatora(National Electoral Commission) |
| NWC | Inama y'Igihugu y'Abagore (National Women Council) |
| NYC | Inama y'Iguhugu y'Urubyiruko (National Youth Council) |
| OAG | Ikigo cy'Umugenzuzi bw'Imari ya Leta (Auditor General Office) |
| OL | Itegeko Ngena (Organic Law) |
| PSF | Urugaga rw'Abikorera (Prikvate Sector Federation) |
| RGB | Rwanda Governance Board |
| RISA | Rwana Information Security Authority |
| RRA | Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (Rwanda Revenue Authority) |
| SMARTHR | Uburyo bukoreshwa na MIFOTRA mu gucunga Abakozi ba Leta mu bireba Imishahara n'Imihigo |
| TOT | Amahugurwa y'Abazahugura Abandi (Training of Trainers) |
| V/M | Umuyobozi w'Akarere wungirije (Vice/Mayor) |

## 1. INTANGIRIRO

Mu mwaka wa 2021-2022 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) yateguye kandi itunganya ibikorwa bitandukanye, byibanze ku myiteguro n'imiyoborere y'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu, amatora yo gusimbura mu Nama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali. Ibindi bikorwa NEC yatunganyije ni ugutegura igenamigambi y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora no guhugura ibyiciro bigira uruhare mu matora, gutegura ibirebana n'amategeko agenga amatora y'Inzego z'Ibanze, kumenyekanisha ibikorwa by'amatora, kuvugurura ilisiti y'itora, kunoza igenamigambi y'umwaka wa 2021-2022 no gutegura iry'umwaka wa 2022-2023, isuzumamikorere ry'abakozi mu mwaka wa 2020-2021 n'imihigo yabo y'umwaka wa 2022-2023, imicungire y'amasoko n'ingengo y'imari, kongera ubushobozi bwa NEC n'abakozi bayo no kunoza imikorere n'imikoranire n'izindi nzego.

N'ubwo hari ibyari biteganyijwe bitashoboye kugerwaho harimo amatora ya Komite y'Abunzi, kubera impamvu ziri bugaragazwe, iyi raporo irerekana mu buryo burambuye ibikorwa by'ingenzi byari biteganyijwe mu mwaka, imigendekere y'ibyakozwe, inzitizi zagaragaye n'ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe mu mwaka wa 2022-2023.

## 2. IBIKORWA BYARI BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2021-2022

Nk'uko bigaragara kuri gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mwaka wa 2021-2022, ibikorwa by'ingenzi byari biteganyijwe ni ibikurikira:

1) Gutegura no kuyobora amatora y'abagize Komite y'Abunzi;
2) Gutegura no kuyobora amatora y'Inzego z'Ibanze n'Izihariye;
3) Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza imyanya itakirimo abayobozi;
4) Gutegura no kuyobora amatora y'Abakandida baturuka mu Nama z'Igiohugu mu matora y'Abadepite ba EALA;
5) Kuvugurura ilisiti y'itora yegerejwe abaturage igakorerwa ku rwego rw'Akarere;
6) Gukora isuzumabikorwa by'Uburere Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2020-2021;
7) Gutegura porogaramu y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora yo mu mwaka wa 2021-2022 no kuyishyira mu bikorwa;
8) Kumenyekanisha ibikorwa by'amatora;
9) Gutegura gahunda y'imyaka 5 "Strategic Plan " 2022-2027 ya NEC;
10) Kunoza igenamigambi ry'umwaka wa 2021-2022 no gutegura iry'umwaka wa 2022-2023;
11) Gukora umwiherero w'akazi w'Abakomiseri n'Abakozi bose ba NEC;
12) Gukomeza kunoza imikorere ya NEC, binyuze mu gutanga serivisi, inama, ikoranabuhanga mu kazi, imicungire y'abakozi n'ubugenzuzi.

## 3. IBYAKOZWE

### 3.1. KUNOZA AMATEGEKO AGENGA AMATORA

Mu rwego rwo kunoza amategeko agenga amatora, mu mwaka wa 2021-2022, NEC yibanze ku itegeko no ku mateka n'amabwiriza agenga amatora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu yakozwe mu Ukwakwira-Ugushyingo 2021.

#### 3.1.1. Gutegura no gukurikirana ivugururwa ry'Itegeko Ngenga rigenga amatora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye umushinga w'ivugururwa ry'Itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora kugira ngo rihuzwe n'ibijyanye n'amatora y'Abayobozi b'Akarere biteganywa n'Itegeko N° 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere, inakurikirana iyemezwa ryaryo mu nzego bireba. Ingingo zavuguruwe mu Itegeko Ngenga rigenga amatora ni izi zikurikira:

1) Ingingo ya 122 yongerewemo igika cya nyuma kirebana n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, rishyiraho ubundi buryo amatora akorwamo igihe hari inzitizi ntarengwa no kugena Iteka rya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu rimenyesha isubikwa ry'amatora igihe hari inzitizi ntarengwa;
2) Ingingo ya 137 irebana n'itorwa ry'abajyanama rusange, uburyo batorwamo n'inteko zibatora;
3) Ingingo ya 138 irebana n'itorwa ry'abajyanama b'abagore, uburyo batorwamo n'inteko zibatora;
4) Ingingo y'144 irebana n'abagize inteko itora Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali n'ubwo amatora yo mu Mujyi wa Kigali atakozwe muri iki cyiciro cy' amatora kuko yakozwe mu 2019.

#### 3.1.2. Gukurikirana itegurwa n'iyemezwa ry'Amateka arebana n'amatora

Mu rwego rw'imyiteguro y'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze, hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 24/09/2021 rimenyesha isubukurwa ry'amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoraniye hafi n'Inzego bireba mu gutegura Iteka rya Minisitiri No 003/07.01 ryo ku wa 14/10/2021 rigena ubundi buryo amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze akorwamo kubera inzitizi ntarengwa.

#### 3.1.3. Gutegura Amabwiriza agenga amatora

Hashingiwe ku Itegeko Ngenga N° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryavuguwe kandi ryuzujwe kugeza ubu, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye Amabwiriza N° 01/2021 yo ku wa 15/10/2021agenga amatora y'Inzego z'Ibanze n'ay'Inama z'Igihugu.

Nyuma y'itangazwa ry'Iteka rya Minisitiri risubukura amatora, Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga Amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yasohotse mu Igazeti ya Leta N° 39 yo ku wa 18/10/2021, amenyeshwa abaturage bose kandi atangira gukurikizwa.

### 3.2. GUTEGURA NO KUYOBORA AMATORA

Mu rwego rwo gutegura no kuyobora amatora mu mwaka wa 2021-2022, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yibanze ku bikorwa birebana n'imyiteguro n'imiyoborere y'amatora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu, gutegura urutonde rw'Abayobozi batowe no gutegura no kuyobora amatora yo

gusimbura Abayobozi bavuye mu myanya batorewe mu Nama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali.

### 3.2.1. Gutegura no kuyobora amatora y'Abayozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu

Amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yari ateganyijwe muri Gashyantare-Werurwe 2021 ntiyashobora gukorwa kubera icyorezo cya Covid-19, arasubikwa hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri N° 001/07.01 ryo kuwa 10/02/2021 rimenyesha isubikwa ry'amatora kubera inzitizi ntarengwa. Ayo matora yasubukuwe hashingiwe ku Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 24/09/2021 rimenyesha isubukurwa ry'amatora. Amatora y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi by'Umujyi wa Kigali ntiyakozwe muri iki cyiciro cy' amatora kuko yakozwe mu 2019.

#### 3.2.1.1. Gushyiraho abayoboye amatora

Mu matora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu mu Ukwakira-Ugushyingo 2021, hashyizweho abayoboye amatora ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu. Hashyizweho kandi abakorerabushake bashinzwe gukurikirana ibikorwa by'amatora mu Turere, bunganira abahuzabikorwa b'amatora muri za Zone. Imbonerahamwe ya mbere ikurikira irerekana imibare y'abayoboye amatora kuri buri rwego amatora yakoreweho, hatabariwemo abakozi bahoraho 48 n'Abakomiseri 7 ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, bakurikiye imigendekere y'amatora.

***Imbonerahamwe ya 1: Imibare y'abayoboye amatora kuri buri rwego rw'Ubuyobozi***

| URWEGO | ABAKORERABUSHAKE BAYOBOYE AMATORA | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **ICYICIRO** | **Amajya ruguru** | **Amajyepfo** | **Iburasira zuba** | **Iburengera zuba** | **Umujyi wa Kigali** | **Igihugu** | **Igiteranyo** |
| **IMIDUGUDU** | **BOSE** | **8,222** | **10,473** | **11,340** | **10,772** | **3,465** | | **44,272** |
| | **Gabo** | 4,517 | 5,100 | 5,882 | 5,793 | 1,673 | | 24,745 |
| | **Gore** | 3705 | 5373 | 5,458 | 4,979 | 1,792 | | 21,307 |
| | **Gore %** | 45.1 | 51.3 | 48.1 | 46.2 | 51.7 | | 48.1 |
| **UTUGARI** | **BOSE** | **2,482** | **3,192** | **3,012** | **3,222** | **962** | | **12,870** |
| | **Gabo** | 1,420 | 1,942 | 1,722 | 1,973 | 626 | | 7,683 |
| | **Gore** | 1,062 | 1,250 | 1,290 | 1,249 | 336 | | 5,187 |
| | **Gore %** | 42.8 | 39.2 | 42.8 | 38.8 | 34.9 | | 40.3 |
| **IMIRENGE** | **BOSE** | **530** | **608** | **572** | **576** | **210** | | **2,496** |
| | **Gabo** | 351 | 360 | 343 | 358 | 117 | | 1,529 |
| | **Gore** | 179 | 248 | 229 | 218 | 93 | | 967 |
| | **Gore %** | 33.8 | 40.8 | 40.0 | 37.8 | 44.3 | | 38.7 |
| **UTURERE** | **BOSE** | **30** | **51** | **42** | **42** | **20** | | **185** |
| | **Gabo** | 20 | 35 | 28 | 24 | 12 | | 119 |
| | **Gore** | 10 | 16 | 14 | 18 | 8 | | 66 |
| | **Gore %** | 33.3 | 31.4 | 33.3 | 42.8 | 40.0 | | 35.7 |
| **INTARA/ UMUJYI WA KIGALI** | **BOSE** | **10** | **10** | **8** | **10** | **12** | | **50** |
| | **Gabo** | 5 | 8 | 3 | 6 | 8 | | 30 |
| | **Gore** | 5 | 2 | 5 | 4 | 4 | | 20 |
| | **Gore %** | 50.0 | 20.0 | 62.5 | 40.0 | 33.3 | | 40.0 |
| **IGIHUGU** | **BOSE** | | | | | | **17** | **17** |
| | **Gabo** | | | | | | 11 | 11 |
| | **Gore** | | | | | | 6 | 6 |
| | **Gore %** | | | | | | 35.5 | 35.5 |
| **IGITERANY ORUSANGE** | **BOSE** | **11,274** | **14,334** | **14,974** | **14,622** | **4,669** | **17** | **59,890** |
| | **Gabo** | 6,313 | 7,445 | 7,984 | 8,154 | 2,436 | 11 | 32,344 |
| | **Gore** | 4,961 | 6,889 | 6,990 | 6,468 | 2,233 | 5 | 27,546 |
| | **Gore %** | 44.0 | 49.1 | 46.7 | 44.2 | 47.8 | 31.3 | 45.9 |

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibyerekana, amatora yayobowe n'abakorerabushake **59,890** barimo abagore **27,546** bangana na **45.9%** n'abagabo **32,344** bangana na **54.1%**.

### 3.2.1.2. Gushaka ibikoresho by'amatora

Muri rusange, ibikoresho by'ingenzi by'amatora byari byarashatswe mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021, mbere y'uko amatora asubikwa. Mu mwaka wa 2021-2022 amatora asubukurwa, haguzwe ibikoresho by'amatora by'inyongera bigaragara mu mbonerahamwe ya 2 ikurikira.

***Imbonerahamwe ya 2: Ibikoresho by'ingenzi byaguzwe n'agaciro kabyo***

| Nº | Ibikoresho | Umubare | Igiciro/ kimwe | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Dry cells | 128,000 | 201 | **25,676,800** |
| 2 | Markers | 17,000 | 193 | **3,281,850** |
| 3 | Bleu Pens | 80,000 | 76 | **6,041,600** |
| 4 | Tents (Hiring) | 10 | FF | **5,464,580** |
| 5 | Ballot papers | 18,106 | 3,948 | **71,482,808** |
| 6 | Imigereka | - | - | **63,359,300** |
| 7 | Reams of papers | 650 | 5,782 | **3,758,300** |
| **Igiteranyo** | | | | **179,065,238** |

### 3.2.1.3. Kwakira indorerezi z'amatora

Hashingiwe ku ngingo ya 36 y'Itegeko Ngenga Nº 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye indorerezi zitandukanye zakurikiranye amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu, kuva ku itariki ya 05/10/2021 kugeza itariki 12/11/2021.

Indorerezi z'amatora **390** zirimo indorerezi **371** zo mu Gihugu (Domestic observers) n'indorerezi **19** zaturutse muri za Ambasade zahawe ibyangombwa byo gukurina ayo matora. Imbonerahamwe ya 3 ikurikira irerekana imibare y'indorerezi n'aho zaturutse.

***Imbonerahamwe ya 3 : Indorerezi zakurikiranye amatora***

| N° | UMURYANGO/IKIGO | BOSE | GABO | GORE | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | **Bose** | **%** |
| **Indorerezi z'Abanyarwanda** | | **371** | **173** | **198** | **53.3** |
| 1 | Gender Monitoring Office (GMO) | 100 | 22 | 78 | 78.0 |
| 2 | Rwanda Civil Society Platform | 97 | 60 | 37 | 38.1 |
| 3 | Rwanda Governance Board (RGB) | 49 | 29 | 20 | 40.8 |
| 4 | National Commission for Human Rights | 30 | 9 | 21 | 70.0 |
| 5 | National Consultative Forum of Political Organizations | 82 | 43 | 39 | 47.5 |
| 6 | Ministry of Local Government | 13 | 10 | 3 | 23.1 |
| **Indorerezi z'Abanyamahanga** | | **19** | **14** | **5** | **26.3** |
| 1 | Embassy of United States of America | 3 | 3 | 0 | 0.0 |
| 2 | British High Commission | 9 | 8 | 1 | 11.1 |
| 3 | European Union | 4 | 2 | 2 | 50.0 |
| 4 | Embassy of Netherlands | 2 | 1 | 1 | 50.0 |
| 5 | Embassy of France | 1 | 0 | 1 | 100 |
| **IGITERANYO RUSANGE** | | **390** | **187** | **203** | **52.1** |

Hateguwe kandi hagezwa ku ndorerezi, mu buryo bw'ikoranabuhanga, inyandiko zirebana n'amatora zikurikira:

1) Gahunda y'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze;
2) Itegeko Ngenga Nº 001/2021.OL ryo ku wa 30/01/2021rihindura Itegeko Ngenga No 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora;
3) Iteka rya Minisitiri Nº 003/07.01 ryo ku wa 14/10/2021 rigena ubundi buryo amatora y'Abayobozi n'Inzego z'Ibanze akorwamo kubera inzitizi ntarengwa;
4) Inyandiko igenga imyitwarire y'indorerezi;
5) Amabwiriza Nº 01/2021 yo ku wa 15/10/2021 ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu mu 2021;
6) Amatangazo anyuranye ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ajyanye n'imigendekere y'amatora;
7) Inyandiko zigaragaza sites z'itora.

### 3.2.1.4. Kwakira, gusuzuma no kwemeza kandidatire ku Bujyanama mu Turere

Kandidatire z'abajyanama rusange n'iz'abakandida b'abajyanama b'abagore bangana nibura na 30% by'abagize Inama Njyanama z'Uturere zakiriwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kuva tariki 11 kugeza tariki 22 Ukwakira 2021.

Mu rwego rwo kubahiriza amabwiriza yo kwirinda Covid-19, kandidatire zakiriwe hifashishijwe ikoranabuhanga, dosiye z'abakandida n'ibisubizo kuri izo dosiye byoherejwe hakoreshejwe e-mails.

Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 4 ikurikira, hakiriwe kandidatire zose hamwe **1,639** zirimo iz'abajyanama rusange **1,112** na **527** z'abajyanama ba 30% bangana na 32.2%**.** Muri kandidatire z'abajyanama rusange harimo **997** z'Abagabo (**89.7%)** na **115** z'Abagore (**10.3%)**. Habonetse kandidatitre rusange 1112 ku myanya 216 (Uturere 27x8) ni ukuvuga abakandida rusanga **5.2** kuri buri mwanya. Kandidatire z'Abajyanama ba 30% zo zari 527 ku myanya 135 (Uturere 27x5), ni ukuvuga abakandida **3.9** kuri buri mwanya. Muri rusange kandidatire z'abagore ni zo zabaye nkeya kandi zikaza mu bihe bya nyuma mu minsi yagenwe.

Nyuma yo gusuzuma izo kandidatire, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yemeje izingana na **1,478** zirimo **1,004** z'abakandida b'abajyanama rusange na **474** z'abakandida b'abagore bazatorwamo 30% by'abagize Inama Njyanama z'Uturere. Abakandida rusange n'abakandida ba 30% bemejwe ku rwego rwa 90%, ariko mu ba kandida rusange kandidatire z'abagore zemejwe ku rwego rwa 86.1%, bivuze ko abagore bagiye bagira ibizazane kurusha abagabo mu kuzuza dosiye za kandidatire.

Ku bindi byiciro by'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu, kandidatire zatangwaga ku munsi w'itora imbere y'abagize inteko itora. Imbonerahamwe ya 4 ikurikira irerekana imibare ya kandidatire zakiriwe n'izemejwe muri buri Karere.

*Imbonerahamwe ya 4: Umubare wa kandidatire zakiriwe n'izemejwe*

| No | INTARA/ AKARERE | KANDIDATIRE ZAKIRIWE | | | | | | | | | | | KANDIDATIRE ZEMEJWE | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | ABAJYANAMA RUSANGE | | | | | 30% | IGITERANYO | | | | | ABAJYANAMA RUSANGE | | | | | 30% | IGITERANYO | | | | |
| | | Gore | | Gabo | | BOSE | GORE | GORE | | GABO | | BOSE | GORE | | GABO | | BOSE | GORE | GORE | | GABO | | BOSE |
| | | # | % | # | % | | | # | % | # | % | | # | % | # | % | | | # | % | # | % | |
| **AMAJYARUGURU** | | **24** | **10.5** | **204** | **89.5** | **228** | **110** | **134** | **39.6** | **204** | **60.4** | **338** | **22** | **10.4** | **189** | **89.6** | **211** | **99** | **121** | **39.0** | **189** | **61.0** | **310** |
| 1 | BURERA | 5 | 9.8 | 46 | 90.2 | **51** | 17 | 22 | 32.4 | 46 | 67.6 | **68** | 5 | 11.4 | 39 | 88.6 | **44** | 17 | 22 | 36.1 | 39 | 63.9 | **61** |
| 2 | GAKENKE | 2 | 4.0 | 48 | 96.0 | **50** | 27 | 29 | 37.7 | 48 | 62.3 | **77** | 2 | 4.44 | 43 | 95.6 | **45** | 25 | 27 | 38.6 | 43 | 61.4 | **70** |
| 3 | GICUMBI | 4 | 9.3 | 39 | 90.7 | **43** | 25 | 29 | 42.6 | 39 | 57.4 | **68** | 4 | 9.3 | 39 | 90.7 | **43** | 23 | 27 | 40.9 | 39 | 59.1 | **66** |
| 4 | MUSANZE | 8 | 17.4 | 38 | 82.6 | **46** | 21 | 29 | 43.3 | 38 | 56.7 | **67** | 7 | 16.3 | 36 | 83.7 | **43** | 18 | 25 | 41.0 | 36 | 59.0 | **61** |
| 5 | RULINDO | 5 | 13.2 | 33 | 86.8 | **38** | 20 | 25 | 43.1 | 33 | 56.9 | **58** | 4 | 11.1 | 32 | 88.9 | **36** | 16 | 20 | 38.5 | 32 | 61.5 | **52** |
| **AMAJYEPFO** | | **31** | **10.2** | **273** | **89.8** | **304** | **149** | **180** | **39.7** | **273** | **60.3** | **453** | **26** | **9.56** | **246** | **90.4** | **272** | **134** | **160** | **39.4** | **246** | **60.6** | **406** |
| 1 | GISAGARA | 3 | 9.1 | 30 | 90.9 | **33** | 11 | 14 | 31.8 | 30 | 68.2 | **44** | 3 | 10 | 27 | 90.0 | **30** | 11 | 14 | 34.1 | 27 | 65.9 | **41** |
| 2 | HUYE | 5 | 11.6 | 38 | 88.4 | **43** | 31 | 36 | 48.6 | 38 | 51.4 | **74** | 4 | 10.3 | 35 | 89.7 | **39** | 24 | 28 | 44.4 | 35 | 55.6 | **63** |
| 3 | KAMONYI | 5 | 10.4 | 43 | 89.6 | **48** | 18 | 23 | 34.8 | 43 | 65.2 | **66** | 5 | 10.6 | 42 | 89.4 | **47** | 15 | 20 | 32.3 | 42 | 67.7 | **62** |
| 4 | MUHANGA | 5 | 12.8 | 34 | 87.2 | **39** | 11 | 16 | 32.0 | 34 | 68.0 | **50** | 4 | 11.8 | 30 | 88.2 | **34** | 11 | 15 | 33.3 | 30 | 66.7 | **45** |
| 5 | NYAMAGABE | 5 | 10.6 | 42 | 89.4 | **47** | 15 | 20 | 32.3 | 42 | 67.7 | **62** | 4 | 9.3 | 39 | 90.7 | **43** | 15 | 19 | 32.8 | 39 | 67.2 | **58** |
| 6 | NYANZA | 2 | 8.0 | 23 | 92.0 | **25** | 21 | 23 | 50.0 | 23 | 50.0 | **46** | 2 | 9.52 | 19 | 90.5 | **21** | 19 | 21 | 52.5 | 19 | 47.5 | **40** |
| 7 | NYARUGURU | 3 | 10.7 | 25 | 89.3 | **28** | 17 | 20 | 44.4 | 25 | 55.6 | **45** | 3 | 11.5 | 23 | 88.5 | **26** | 17 | 20 | 46.5 | 23 | 53.5 | **43** |
| 8 | RUHANGO | 3 | 7.3 | 38 | 92.7 | **41** | 25 | 28 | 42.4 | 38 | 57.6 | **66** | 1 | 3.13 | 31 | 96.9 | **32** | 22 | 23 | 42.6 | 31 | 57.4 | **54** |
| **IBURASIRAZUBA** | | **34** | **11.8** | **255** | **88.2** | **289** | **126** | **160** | **38.6** | **255** | **61.4** | **415** | **27** | **10.7** | **225** | **89.3** | **252** | **111** | **138** | **38.0** | **225** | **62.0** | **363** |
| 1 | BUGESERA | 9 | 18.8 | 39 | 81.3 | **48** | 20 | 29 | 42.6 | 39 | 57.4 | **68** | 9 | 20 | 36 | 80.0 | **45** | 20 | 29 | 44.6 | 36 | 55.4 | **65** |
| 2 | GATSIBO | 4 | 9.8 | 37 | 90.2 | **41** | 18 | 22 | 37.3 | 37 | 62.7 | **59** | 3 | 8.57 | 32 | 91.4 | **35** | 17 | 20 | 38.5 | 32 | 61.5 | **52** |
| 3 | KAYONZA | 2 | 5.4 | 35 | 94.6 | **37** | 10 | 12 | 25.5 | 35 | 74.5 | **47** | 2 | 5.71 | 33 | 94.3 | **35** | 10 | 12 | 26.7 | 33 | 73.3 | **45** |
| 4 | KIREHE | 5 | 10.9 | 39 | 89.1 | **44** | 25 | 30 | 42.3 | 41 | 57.7 | **71** | 4 | 12 | 31 | 88.2 | **35** | 20 | 24 | 44.4 | 30 | 55.6 | **55** |
| 5 | NGOMA | 7 | 17.9 | 32 | 82.1 | **39** | 18 | 25 | 43.9 | 32 | 56.1 | **57** | 3 | 9.68 | 28 | 90.3 | **31** | 15 | 18 | 39.1 | 28 | 60.9 | **46** |
| 6 | NYAGATARE | 3 | 7.5 | 37 | 92.5 | **40** | 17 | 20 | 35.1 | 37 | 64.9 | **57** | 3 | 8.82 | 31 | 91.2 | **34** | 14 | 17 | 35.4 | 31 | 64.6 | **48** |
| 7 | RWAMAGANA | 4 | 10.0 | 36 | 90.0 | **40** | 17 | 21 | 36.8 | 36 | 63.2 | **57** | 3 | 8.11 | 34 | 91.9 | **37** | 15 | 18 | 34.6 | 34 | 65.4 | **52** |
| **IBURENGERAZUBA** | | **26** | **8.9** | **265** | **91.1** | **291** | **142** | **168** | **38.8** | **265** | **61.2** | **433** | **24** | **8.92** | **245** | **91.1** | **269** | **130** | **154** | **38.6** | **245** | **61.4** | **399** |
| 1 | KARONGI | 4 | 16.0 | 21 | 84.0 | **25** | 16 | 20 | 48.8 | 21 | 51.2 | **41** | 4 | 16.7 | 20 | 83.3 | **24** | 14 | 18 | 47.4 | 20 | 52.6 | **38** |
| 2 | NGORORERO | 1 | 2.9 | 34 | 97.1 | **35** | 21 | 22 | 39.3 | 34 | 60.7 | **56** | 1 | 2.94 | 33 | 97.1 | **34** | 20 | 21 | 38.9 | 33 | 61.1 | **54** |
| 3 | NYABIHU | 3 | 7.3 | 38 | 92.7 | **41** | 18 | 21 | 35.6 | 38 | 64.4 | **59** | 3 | 8.11 | 34 | 91.9 | **37** | 18 | 21 | 38.2 | 34 | 61.8 | **55** |
| 4 | NYAMASHEKE | 4 | 7.7 | 48 | 92.3 | **52** | 20 | 24 | 33.3 | 48 | 66.7 | **72** | 4 | 8.16 | 45 | 91.8 | **49** | 16 | 20 | 30.8 | 45 | 69.2 | **65** |
| 5 | RUBAVU | 4 | 8.3 | 44 | 91.7 | **48** | 20 | 24 | 35.3 | 44 | 64.7 | **68** | 2 | 4.88 | 39 | 95.1 | **41** | 18 | 20 | 33.9 | 39 | 66.1 | **59** |
| 6 | RUSIZI | 7 | 13.5 | 45 | 86.5 | **52** | 19 | 26 | 36.6 | 45 | 63.4 | **71** | 7 | 15.2 | 39 | 84.8 | **46** | 17 | 24 | 38.1 | 39 | 61.9 | **63** |
| 7 | RUTSIRO | 3 | 7.9 | 35 | 92.1 | **38** | 28 | 31 | 47.0 | 35 | 53.0 | **66** | 3 | 7.89 | 35 | 92.1 | **38** | 27 | 30 | 46.2 | 35 | 53.8 | **65** |
| **IGITERANYO** | | **115** | **10.3** | **997** | **89.7** | **1,112** | **527** | **642** | **39.2** | **997** | **60.8** | **1,639** | **99** | **9.86** | **905** | **90.1** | **1,004** | **474** | **573** | **38.8** | **905** | **61.2** | **1,478** |
| **IZEMEJWE MU CYICIRO (% )** | | | - | - | - | | - | - | - | - | - | | **86,1** | - | **90.8** | - | **90.3** | **89.9** | **89.3** | - | **90.8** | - | **90.2** |

#### 3.2.1.5. Kugena ahabereye amatora

Hashingiwe ku byiciro by'amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifatanyije n'Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze, yagennye inatunganya ahabereye amatora atandukanye. Amatora yabereye kuri Site 17,427, nk'uko imbonerahamwe ya 5 igaragaza umubare wa Site z'Itora kuri buri rwego amatora yabereyeho ibyerekana.

***Imbonerahamwe ya 5: Imibare ya Site z'itora zakoreshejwe kuri buri rwego***

| INTARA/ UMUJYI WA KIGALI | Site z'Itora ku rwego amatora yabereyeho | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **Imidugudu** | **Utugari** | **Imirenge** | **Uturere** | **Intara** | **Igihugu** | **Igiteranyo** |
| AMAJYARUGURU | 2,743 | 414 | 89 | 15 | 2 | - | **3,263** |
| AMAJYEPFO | 3,491 | 532 | 101 | 24 | 2 | - | **4,160** |
| IBURASIRAZUBA | 3,780 | 502 | 95 | 21 | 2 | - | **4,396** |
| IBURENGERAZUBA | 3,591 | 537 | 96 | 21 | 2 | - | **4,150** |
| UMUJYI WA KIGALI | 1,157 | 161 | 35 | 9 | 2 | - | **1,364** |
| IGIHUGU | | | | | | 3 | **3** |
| **IGITERANYO** | **14,762** | **2,146** | **416** | **90** | **10** | **3** | **17,427** |

#### 3.2.1.6. Kwirinda gukwirakwiza Covid-19 mu gihe cy'amatora

Mu rwego rwo kwirinda ikwirakwizwa ry'Icyorezo cya Covid-19 hashyizweho ingamba za ngombwa hagamijwe cyane cyane kwirinda guhuriza abantu benshi hamwe, kandi hakubahirizwa n'amabwiriza ya Leta yo kwirinda kwandura no kwanduza abandi Covi-19. Iby'ingenzi mu byakozwe ni ibi bikuriNEC.

1) Kugabanya umubare w'amatora ataziguye: cyane cyane ayakorwaga ku rwego rw'Umudugudu hatorwa abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu, umujyanama w'Akagari n'abakandida b'abagore, no ku rwego rw'Umurenge, abaturage bose batora Abajyanama bajyaga mu Nama Njyanama y'Akarere;
2) Gutorera mu Matsinda (Amasibo) abazahagararira abaturage mu matora yo ku rwego rw'Umudugudu;
3) Gushyira mu mabwiriza agenga amatora ingamba zo kwirinda covid-19 (Ingingo ya 20) ndetse no kumenyekanisha inyandiko y'ingamba zihariye zo kubahiriza ayo mabwiriza;
4) Kwakira kandididatire z'abajyanama b'Uturere hakoreshejwe ikoranabuhanga, mu rwego rwo kwirinda ihererekanya ry'inyandiko;
5) Kwiyamamaza kw'abakandida bifuzaga kujya mu Nama Njyanama z'Uturere hakoreshejwe ikoranabuhanga, uretse ku munsi w'itora, aho abakandida biyamamaje imbonankubone imbere y'inteko itora, hubahirizwa na none ingamba zo kwirinda Covid-19;
6) Gushyiraho kuri buri Site y'itora amazi yo gukaraba n'isabune cyangwa umuti wabugenewe n'umukorerabushake ushinzwe by'umwihariko gukurikirana ko abaje gutora babikoresha;
7) Gukorana n'inzego z'ubuyobozi n'urubyiruko rukorera ubushake mu gufasha abagize uruhare mu matora kubahiriza ingamba zo kwirinda Covid-19;
8) Gukurikira ko abaje gutora bataganirira mu matsinda no kubakangurira kudatinda ahatorerwa;
9) Gukurikirana ko, mu nzira baza gutora cyangwa bataha, abaje gutora bubahiriza intera hagati yabo.

#### 3.2.1.7. Kwiyamamaza kw'Abakandida

Hashingiwe kuri gahunda rusange y'amatora, igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abakandida ku myanya

y'abajyanama rusange n'abajyanama b'abagore mu Nama Njyanama z'Uturere cyatangiye tariki ya 7 gisozwa ku ya 12 Ugushyingo 2021. Mu rwego rwo kubahiriza ingamba zo kwirinda Covid-19, kwiyamamaza byakozwe mu buryo budahuriza abantu benshi hamwe, hifashishwa ikoranabuhanga mu minsi itandatu (6) yagenewe ukwiyamamaza, no kwiyamamaza imbonankubone gusa imbere y'inteko itora ku munsi w'itora.

Mbere y'uko kwiyamamaza bitangira, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoranye inama n'abakandida bemejwe hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga (CISCO-Webex), hagamijwe kubasobanurira amabwiriza arebana n'igikorwa cyo kwiyamamaza mu gihe cy'icyorezo cya Covid-19.

Ku bindi byiciro by'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'Iz'inama z'Igihugu, kwiyamamaza byakozwe gusa ku munsi w'itora, imbere y'abagize inteko itora. Igikorwa cyo kwiyamamaza cyagenze neza muri rusange, hubahirizwa ibiteganywa n'Itegeko n'Amabwiriza bigenga amatora.

#### 3.2.1.8. Kuyobora amatora no gutangaza ibyayavuyemo

Amatora yabaye mu byiciro bibiri: (1) amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze, (2) amatora y'abayobozi b'Inama z'Igihugu.

**1) Amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze**

Ayo matora yakozwe kuva ku rwego rw'Amasibo kugera ku rwego rw'Uturere, kuva tariki ya 16 Ukwakira 2021 kugeza tariki ya 19 Ugushyingo 2021, hatorwa Abayobozi b'Inzego zikurikira:

1) Komite Nyobozi z'Imidugudu;
2) Inama Njyanama z'Utugari;
3) Inama Njyanama z'Imirenge;
4) Inama Njyanama z'Uturere;
5) Komite Nyobozi z'Uturere.

**1.1) Ku rwego rw'Amasibo**

Mu rwego rwo kubahiriza ingamba zo kwirinda ikwirakwizwa ry'ubwandu bw'icyorezo cya COVID 19, hashyizweho Iteka rya Minisitiri Iteka rya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Nº 003/07.01 ryo ku wa 14/10/2021 rigena ubundi buryo amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze akorwamo kubera inzitizi ntarengwa. Iryo Teka riteganya ko abagize inteko itora Komite Nyobozi y'Umudugudu n'Umujyanama rusange uhagarariye Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari batorerwa mu Matsinda y'abaturage agize Umudugudu.

Ayo matora yabaye ku itariki ya 16-17 Ukwakira 2021, hatorwa abantu batatu (3) muri buri tsinda, bagatorwa n'abaturage bose batuye iryo tsinda (Isibo) bujuje imyaka 18 y'amavuko kandi bemerewe gutora. Hatowe abagize Inteko zitora bangana na **354,096** barimo Abagore **153,993** (**43.5**%) n'abagabo **200,103** (**56.5**%). Ubwitabire bwanganaga na **77.2%** nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 6 ikurikira.

Ubwitabire mu matora yo mu Matsinda ntibwabaye hejuru nk'uko bisanzwe, bitewe n'ukwifata kwa bamwe kubera icyorezo cya Covid-19, byiyongera k'uko ayo matora yamenyekanishijwe ku buryo buhamye bitinzeho, hagitegerejwe Iteka rya Minisitiri No 003/07.01 ryasohotse ku wa 14/10/2021 n'Amabwiriza ya Komisiyo Nº 01/2021 yo ku wa 15/10/2021agenga amatora.

***Imbonerahamwe ya 6: Ubwitabire n'Abatowe nk'Inteko itora Komite Nyobozi z'Imidugudu***

| **INTARA/ UMUJYI WA KIGALI** | | | **Amajya ruguru** | **Amajyepfo** | **Iburasira zuba** | **Iburengera zuba** | **Umujyi wa Kigali** | **BOSE HAMWE** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **AMATSINDA** | | | 21,921 | 29,358 | 30,885 | 26,152 | 9,716 | 118,032 |
| **ABAGOMBAGA GUTORA** | **GORE** | # | 730,810 | 1,041,927 | 1,052,126 | 1,026,380 | 453,799 | 4,305,042 |
| | | % | 54.1 | 55 | 53.8 | 54.7 | 48.3 | 53.7 |
| | **GABO** | # | 619,891 | 852,113 | 901,839 | 849,108 | 485,053 | 3,708,004 |
| | | % | **45.9** | **45** | **46.2** | **45.3** | **51.7** | 46.3 |
| | **BOSE** | | **1,350,701** | **1,894,040** | **1,953,965** | **1,875,488** | **938,852** | 8,013,046 |
| **UMUBARE W'ABATOYE** | **GORE** | # | 587,902 | 933,383 | 728,592 | 809,426 | 287,543 | 3,346,846 |
| | | % | 53.9 | 56 | 53.3 | 54 | 50.9 | **54.1** |
| | **GABO** | # | 501,976 | 733,372 | 638,315 | 689,864 | 276,874 | 2,840,401 |
| | | % | 46.1 | 44 | 46.7 | 46 | 49.1 | 45.9 |
| | **BOSE** | # | **1,089,878** | **1,666,755** | **1,366,907** | **1,499,290** | **564,417** | 6,187,247 |
| | | % | **80.7** | **88** | **70** | **79.9** | **60.1** | **77.2** |
| **ABAGIZE INTEKO ITORA YATOWE** | **GORE** | # | 27,595 | 36,141 | 41,343 | 34,208 | 14,706 | 153,993 |
| | | % | 42 | 41 | 44.6 | 43.6 | 50.5 | **43.5** |
| | **GABO** | # | 38,168 | 51,933 | 51,312 | 44,248 | 14,442 | 200,103 |
| | | % | 58 | 59 | 55.4 | 56.4 | 49.5 | 56.5 |
| | **BOSE** | | **65,763** | **88,074** | **92,655** | **78,456** | **29,148** | 354,096 |

### 1.2) Ku rwego rw'Umudugudu

Nk'uko byari biteganyijwe muri gahunda y'amatora, ku wa 23 Ukwakira 2021, muri buri Mudugudu hatowe abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu bakurikira:

1) Umukuru w'Umudugudu;
2) Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage n'imbonezamubano;
3) Ushinzwe umutekano, abinjira n'abasohoka mu Mudugudu;
4) Ushinzwe amakuru n'amahugurwa y'abaturage;
5) Ushinzwe iterambere.

Muri rusange, amatora y'abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu yitabiriwe ku kigereranyo cya **94%**. Ku rwego rw'Imidugudu hatowe abagize Komite Nyobozi bangana na **73,795** barimo Abagore **29,468** (**40.4%**) n'abagabo **44,327** (**60.2%**) nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 7 ikurikira. Uwo munsi hatowe kandi ***Umujyanama rusange uhagarariye buri Mudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari***.

***Imbonerahamwe ya 7: Ubwitabire n'Abatowe mu matora y'Abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu***

| **INTARA/ UMUJYI WA KIGALI** | **Imidugudu** | **ABAGOMBAGA GUTORA** | | | **UMUBARE W'ABATOYE** | | | | | **UMUBARE W'ABATOWE** | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | **GORE** | **GABO** | **BOSE** | **GORE** | **F%** | **GABO** | **BOSE #** | **BOSE %** | **GORE** | **F%** | **GABO** | **BOSE** |
| **Amajyaruguru** | 2,742 | 58,313 | 49,110 | 107,423 | 54,393 | 54.1 | 46,229 | 100,622 | 93.7 | 5,331 | 38,9 | 8,379 | **13,710** |
| **Amajyepfo** | 3,491 | 75,686 | 64,288 | 139,974 | 70,430 | 53.8 | 60,449 | 130,879 | 93.5 | 7,288 | 41.8 | 10,167 | **17,455** |
| **Iburasirazuba** | 3,708 | 78,594 | 76,846 | 155,440 | 75,885 | 50.7 | 73,683 | 149,568 | 96.2 | 7,298 | 38.6 | 11,602 | **18,900** |
| **Iburengerazuba** | 3,591 | 68,419 | 64,841 | 133,260 | 63,468 | 50.9 | 61,285 | 124,753 | 93.6 | 7,046 | 39.2 | 10,909 | **17,955** |
| **Umujyi wa Kig** | 1,155 | 29,756 | 26,857 | 56,613 | 26,894 | 51.9 | 24,956 | 51,850 | 91.6 | 2,505 | 43.4 | 3,270 | **5,775** |
| **IGITERANYO** | **14,759** | **310,768** | **281,942** | **592,710** | **291,070** | **52.2** | **266,602** | **557,672** | **94.0** | **29,468** | **39.9** | **44,327** | **73,795** |

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, Imidugudu yose ntiyabereyemo amatora kuko hari itagituwemo n'abaturage kubera ko bimutse ku mpamvu zitandukanye. Imidugudu yose isanzwe ingana na 14,837.

### 1.3) Ku rwego rw'Akagari

Hatowe Abayobozi batandukanye harimo abagize Inama Njyanama na Biro yayo.

Inama Njyanama y'Akagari igizwe n'aba bakurikira:

1) Umujyanama rusange uhagarariye Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari;
2) Abajyanama b'abagore bangana nibura na 30% by'abize Inama Njyanama y'Akagari
3) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akagari;
4) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku Kagari;
5) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku Kagari;
6) Uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri y'incuke biri mu Kagari;
7) Uhagarariye abayobozi b'amashuri abanza ari mu Kagari;
8) Uhagarariye abikorera bari mu Kagari.

Kuwa 30 Ukwakira 2021, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yayoboye amatora y'abagize Inama Njyanama z'Utugari bakurikira:

1) Abajyanama b'abagore bangana nibura na 30% by'abize Inama Njyanama y'Akagari;
2) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akagari;
3) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku Kagari;
4) Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga ku Kagari;
5) Uhagarariye abayobozi b'ibigo by'amashuri y'incuke biri mu Kagari;
6) Uhagarariye abayobozi b'amashuri abanza ari mu Kagari.

Usanzwe ahagarariye abikorera bari mu Kagari ahita yinjira mu Nama Njyanama y'Akagari. Ku bigo by'amashuri, ahari ikigo kimwe (1) gusa nta matora yabaye, ugihagarariye ahita ajya mu Nama Njyanama, imyirondoro ye akamenyekanishwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Abagize Inama Njyanama y'Akagari bamaze gutorwa, bitoyemo abagize Biro y'Inama Njyanama aribo Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga. Imbonerahamwe ya 8 ikurikira igaragaza imibare y'abatowe mu Nama Njyanama z'Utugari mu Ntara n'Umujyi wa Kigali.

***Imbonerahamwe ya 8: Imibare y'abatowe mu Nama Njyanama z'Utugari***

| **Intara/Umujyi wa Kigali** | **Utugari** | **ABATOWE** | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | **Bose** | **Abagore** | | **Abagabo** | |
| | | | **#** | **%** | **#** | **%** |
| Amajyaruguru | 414 | **7,463** | 3,355 | 45.0 | 4,108 | 55.0 |
| Amajyepfo | 532 | **11,024** | 5,342 | 48.5 | 5,682 | 51.5 |
| Iburasirazuba | 502 | **8,162** | 3,936 | 48.2 | 4,226 | 51.8 |
| Iburengerazuba | 537 | **9,376** | 4,227 | 45.1 | 5,149 | 54.9 |
| Umujyi wa Kigali | 161 | **3,306** | 1,763 | 53.3 | 1,543 | 46.7 |
| **Igiteranyo** | **2,146** | **39,331** | **18,623** | **47.3** | **20,708** | **52.7** |

Ku rwego rw'Akagari hatowe kandi biro y'Inama Njyanama y'Akagari igizwe n'abantu batatu bagomba kubamo nibura umugore umwe kugira ngo hubahirizwe ihame ry'uburinganire mu nzego zose z'imitegekere y'Igihugu. Imbonerahamwe ya 9 igaragaza imibare y'abatowe muri Biro z'Inama Njyanama z'Utugari. **39,331**

***Imbonerahamwe ya 9: Imibare y'abatoyen'Abatowe muri Biro z'Inama Njyanama z'Utugari***

| INTARA/ UMUJYI WA KIGALI | Utugari | ABAGOMBAGA GUTORA | | | UMUBARE W'ABATOYE | | | | | UMUBARE W'ABATOWE | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | GORE | GABO | BOSE | GORE | | GABO | BOSE | | GORE | | GABO | BOSE |
| | | | | | # | % | # | # | % | # | % | # | |
| Amajyaruguru | 414 | 3,224 | 4,134 | 7,358 | 2,958 | 44.4 | 3,708 | 6,666 | 90.6 | 511 | 41.1 | 731 | 1,242 |
| Amajyepfo | 532 | 5,342 | 5,682 | 11,024 | 5,342 | 49.3 | 5,503 | 10,845 | 98.4 | 633 | 39.7 | 963 | 1,596 |
| Iburasirazuba | 502 | 4,706 | 5,074 | 9,780 | 4641 | 48.5 | 4,920 | 9,561 | 97.8 | 585 | 38.8 | 921 | 1,506 |
| ABAGOMBAGA GUTORA | | | | | ABATOYE | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Gore** | **%** | **Gabo** | **%** | **Bose** | **Gore** | **%** | **Gabo** | **%** | **Bose** | **%** |
| 393 | 53.3 | 345 | 46.7 | **738** | 214 | 53.9 | 183 | 46.1 | **397** | **53.8** |

Imbonerahamwe ya 28 ikurikira irerekana uko abakandida barushanyije amajwi n'uwatorewe kwinjira muri Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali.

***Imbonerahamwe ya 28: Ibyavuye mu matora yuzuza Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali***

| AMAZINA Y'ABAKANDIDA | IMYIRONDORO | | | AMAJWI YABONYE | | UMWANYA YATOREWE |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | **F/M** | **AMASHURI** | **IMYAKA** | **#** | **%** | |
| **URUJENI Martine** | **F** | **Masters** | **50** | **298** | **77.6** | **Umuyobozi Wungirije ushinzwe Ubukungu n'Imibereho** |
| RUTERA Rose | F | Ao | 44 | 86 | 22.4 | |

Uwatowe ku mwanya w'Umuyobozi Wungirije w'Umujyi wa Kigali ushinzwe Ubukungu n'Imibereho ni **URUJENI Martine** n'amajwi **298** angana na **77.6%**.

### 3.2.3. Ikoranabuhanga mu bikorwa by'amatora

Mu mwaka wa 2021-2022, hakozwe ivugurura ry'ilisiti y'itora mu byiciro bibiri. ***Icyiciro cya mbere (1)*** cyakozwe mu mwaka wa 2021 mu rwego rwo kwitegura amatora y'Inzego z'Ibanze na Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu, hategurwa imibare y'abari ku ilisiti y'itora yakoreshejwe mu matora. Ilisiti y'Itora ntakuka yatangajwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora tariki 13 Ukwakira 2021. Abanyarwanda bemerewe gutora bari ku ilisiti y'itora ntakuka bangana na **8,013,046** nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 29 ikurikira ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.

***Imbonerahamwe ya 29: Imibare y'abari ku Ilisiti y'itora ntakuka mu matora y'Inzego z'Ibanze***

| INTARA/UMUJYI WA KIGALI | BOSE | GABO | | GORE | | URUBYIRUKO | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | **Bose** | **%** | **Bose** | **%** | **Bose** | **%** |
| AMAJYARUGURU | 1,350,701 | 619,891 | 45.9 | 730,810 | **54.1** | 601,307 | 44.5 |
| AMAJYEPFO | 1,894,040 | 852,113 | 45.0 | 1,041,927 | **55.0** | 822,919 | 43.4 |
| IBURASIRAZUBA | 1,953,965 | 901,839 | 46.2 | 1,052,126 | **53.8** | 847,158 | 43.4 |
| IBURENGERAZUBA | 1,875,488 | 849,108 | 45.3 | 1,026,380 | **54.7** | 860,473 | 45.9 |
| UMUJYI WA KIGALI | 938,852 | 485,053 | 51.7 | 453,799 | **48.3** | 352,591 | 37.6 |
| **IGITERANYORUSANGE** | **8,013,046** | **3,708,004** | 46.3 | **4,305,042** | **53.7** | **3,484,448** | **43.5** |

Nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe, abiganje mu bari ku ilisiti y'itora ni abagore bangana na 53.7% naho abagabo bakangana na 46.3%. Muri abo, urubyiruko rungana na 43.5%.

Uretse iyo lisiti rusange, mu matora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu mu Ukwakira-Ugushyingo 2021, kuri buri cyiciro cy'itora hagiye hategurwa ilisiti y'itora igaragaza abagize buri nteko itora.

***Icyiciro cya kabiri (2)*** cy'ivugururura ry'ilisiti y'itora cyakozwe muri Werurwe 2022, yongerwamo abatora bashya bagejeje imyaka yo gutora bavanywe muri NIDA. Kuri iyi nshuro abanyarwanda bari ku ilisiti y'itora bangana **8,273,991** ni ukuvuga ubwiyongere bw'abantu **251,469** hagereranyijwe n'ilisiti y'itora yo m'Ukwakira 2021. Imbonerahamwe ya 30 ikurikira iragaragaza uko lisiti y'itora ihagaze kuwa 31/03/2022.

***Imbonerahamwe ya 30: Imiterere y'Ilisiti y'itora ku wa 31/03/2022***

| INTARA/UMUJYI WA KIGALI | BOSE | GABO | % | GORE | % |
|---|---|---|---|---|---|
| UMUJYI WA KIGALI | 963,498 | 497,322 | 51.6 | 466,176 | 48.4 |
| AMAJYEPFO | 1,959,579 | 884,918 | 45.2 | 1,074,661 | 54.8 |
| IBURENGERAZUBA | 1,933,561 | 877,520 | 45.4 | 1,056,041 | 54.6 |
| AMAJYARUGURU | 1,396,669 | 642,465 | 46.0 | 754,204 | 54.0 |
| IBURASIRAZUBA | 2,020,684 | 934,846 | 46.3 | 1,085,838 | 53.7 |
| **IGITERANYO** | **8,273,991** | **3,837,071** | **46.4** | **4,436,920** | **53.6** |

## 3.3. GUTANGA INYIGISHO Z'UBURERE MBONERAGIHUGU KU MATORA

Gutegura no gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu mu birebana n'amatora ni imwe mu nshingano za Komisiyo Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko biteganywa n'Itegeko rigenga Imiterere n'Imikorere yayo. Mu mwaka wa 2021-2022 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize imbaraga mu bikorwa byo gutegura igenamigambi ry'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ry'umwaka wa 2021-2022, gusuzuma iry'umwaka wa 2020-2021 no guhugura ibyiciro bitandukanye, cyane cyane ibyagize uruhare rutaziguye mu matora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yakozwe m'Ukwakira-Ugushyingo 2021.

### 3.3.1. Gutegura no gusuzuma gahunda y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora

Nk'uko bigenda buri mwaka, NEC yakoze isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2019-2020, inakora gahunda y'umwaka wa 2021-2022.

Ibyo bikorwa byombi byakozwe kuva 23/09/2021, byitabirwa n'Abakomiseri n'abakozi ba NEC, mu nama yitabiriwe ku gipimo cya **94.3%** nk'uko imbonerahamwe ya 31 ikurikira ibyerekana.

***Imbonerahamwe ya 31: Ubwitabire mu nama ku Burere Mboneragihugu mu 2019-2021***

| Abagomba kwitabira | Abitabiriye | | | | Bose | Ubwitabire (%) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | Gore | | Gabo | | | |
| | # | % | # | % | | |
| **53** | 15 | 30,0 | 35 | 70.0 | **50** | **94.3** |

### 3.3.2. Gutegura no gutubura imfashanyigisho

Mu rwego rwo kwitegura amatora y'Inzego z'Ibanze n'ay'Inama z'Igihugu, havuguruwe ikiganiro "***Ibyingenzi ku matora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu yo mu 2021"*** kandi hatuburwamo kopi **22,337** zagenewe abafatanyabikorwa mu matora.

Imbonerahamwe ya 32 ikurikira irerekana imibare y'imfashanyigisho zatubuwe, abo zari zigenewe n'ingengo y'imari zatwaye.

***Imbonerahamwe ya 32: Umubare w'imfashanyigisho zatubuwe n'ingengo y'imari yakoreshejwe***

| Nº | Abagenewe Imfashanyigisho | Umubare | Ingengo y'imari |
|---|---|---|---|
| 1. | Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Imirenge n'Abakuru ba Site z'Itora | 7,200 | 11,520,000 |
| 2. | Abakomiseri, Abakozi ba NEC n'abafatanyabikorwa bafitanye amasezerano na NEC | 300 | 630,000 |
| 3. | Abakorerabushake bayoboye amatora ku rwego rw'Imidugudu | 14,837 | 23,739,200 |
| **Igiteranyo** | | **22,337** | **35,889,200** |

### 3.3.3. Gutanga amahugurwa ku matora

Mu mwaka wa 2021-2022 NEC yatanze inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora binyuze mu mahugurwa y'ibyiciro bitanduka hibanzwe cyane ku byagize uruhare mu matora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu yakozw mu Ukwakira-Ugushyingo 2021. Imbonerahamwe ya 33 ikurikira irerekana ibyiciro byahuguwe n'ubwitabire muri ayo mahugurwa.

***Imbonerahamwe ya 33: Imibare y'abahuguwe ku matora mu mwaka wa 2021-2022***

| Nº | Ibyiciro byahuguwe | Abagombaga guhugurwa | | | Abahuguwe | | | % |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Bose | Gore | Gabo | Gore | Gabo | Bose | |
| 1 | Abahuguye abandi ku rwego rw'Igihugu (TOT) | **53** | 21 | 32 | 15 | 35 | **50** | 94.3 |
| 2 | Abagize Komite Mpuzabikorwa ku Mirenge n'abakuriye ba Site z'Itora | **7,463** | 2,093 | 5,370 | 1,909 | 5,013 | **6,922** | 93.7 |
| 3 | Abakorerabushake b'amatora | **60,283** | 32,814 | 27,469 | 32,814 | 27,469 | **60,283** | 100.0 |
| **Igiteranyo** | | **67,799** | **34,928** | **32,871** | **34,738** | **32,517** | **67,255** | **99.2** |

## 3.4. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BYA NEC N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO

### 3.4.1. Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

Mu mwaka wa 2021-2022 hamenyekanishijwe ibikorwa bya NEC binyuze mu nzira zitandukanye, hibandwa cyane ku birebana n'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu nyuma y'isubukurwa ryayo, binyuze mu Iteka rya Minisitiri Nº 002/07.01 ryo ku wa 24/09/2021 rimenyesha isubukurwa ry'amatora. Inzira z'imenyekanisha zakoreshejwe cyane ziravugwaho mu mirongo ikurikira.

#### 3.4.1.1. Ikiganiro "Inzira ya demokarasi"

Mu mwaka wa 2021-2022 ibikorwa bya NEC byamenyekanishijwe buri gihe binyuze mu muyobora uhoraho w'ikiganiro "**Inzira ya demokarasi**" gica kuri Radiyo Rwanda buri wa kabiri w'icyumweru. Hateguwe kandi hatangwa ibiganiro 52 mu mwaka wose byibanda ku nsanganyamatsiko z'ingenzi zikurikira:

1) Inshingano za NEC;
2) Gahunda y'amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'aba Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu;
3) Imyiteguro n'imigendekere y'amatora y'abayobozi mu nzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu;
4) Amatora ya Komite Nyobozi z'Uturere;
5) Inshingano za Njyanama y'Akarere, ibisabwa abatanga kandidatire n'uko abayigize batorwa;
6) Gusobanura amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze nab'Inama z'Igihugu;
7) Imiterere y'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga, n'uko yiteguye amatora;
8) Ibibazo n'ibisubizo ku matora y'Inzego z'Ibanze;
9) Ibyo abaturage bifuza ku bayobozi batorwa;
10) Kwigisha Abanyarwanda ibireba imiyoborere myiza na demokarasi;
11) Amateka y'amatora mu Rwanda;
12) Inshingano z'abakorerabushake n'uruhare rwabo mu matora;
13) Imikoranire y'abaturage n'abayobozi;
14) Ibisabwa ku bifuza gutanga kandidatire mu matora y'Abajyanama b'Akarere;
15) Uruhare rw'urubyiruko mu matora y'Inzego z'Ibanze;
16) Imiterere n'Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Abagore n'uko inzego zayo zitorwa;
17) Amateka y'Amatora y'Inzego z'Ibanze mu Rwanda;
18) Amatora yo gusimbura mu Mujyi wa Kigali;
19) Akamaro k'Inama z'Igihugu mu iterambere ry'igihugu.

#### 3.4.1.2. Inama n'amaradiyo atandukanye

Inama n'amaradiyo atandukanye zateguye ubufatanye n'imikoranire hagati ya za Radiyo na NEC ku bireba uruhare rwazo mu kumenyekanisha amatora. Hatoranyijwe amaradiyo 4 ya mbere ku rutonde rw'izifite ingufu kuruta izindi, hategurwa n'amasezerano y'imikoranire mu rwego rwo gufasha NEC kugeza ku baturage ubutumwa bw'amatora n'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu. Ayo ma radiyo ni ***Radiyo Rwanda, Radiyo 10, KT Radio na Radiyo Flash***.

#### 3.4.1.3. Gukoresha ikoranabuhanga mu kumenyekanisha ibikorwa bya NEC

Mu bikorwa by'amatora y'Inzego z'Ibanze n'ay'Inama z'Igihugu, hateguwe amatangazo atandukanye amenyesha aca kuri Radio, kuri TV, ashyirwa kuri website ya NEC, Twitter n'izindi mbuga za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu kumenyesha abaturage gahunda zayo, n'imigendekere y'amatora muri rusange.

Hateguwe amatangazo ashyirwa kuri Website ya, Twitter, n'izindi mbuga za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora amenyekanisha ibikorwa byayo muri rusange no mu bihe bya COVID 19 by'umwihariko. Mu bikorwa by'ingenzi byamenyekanishijwe harimo:

- Gahunda z'ibikorwa bya NEC mu bihe bya COVID-19;
- Amatora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu;
- Amatora yo kuzuza mu Mujyi wa Kigali (Imyiteguro, gahunda, ibisabwa abakandida, uburyo bwo kwiyamamaza, imigendekere y'amatora, ...);
- Amatora y'abagize Urugaga rw'Abikorera (PSF), imyiteguro n'imigendekere yayo n'uruhare Komisiyo yayagizemo.

### 3.4.2. Imikoranire n'izindi Nzego

Mu rwego rwo gutanga serivisi zihabwa abagana Komisiyo, abashyitsi bakiriwe neza kandi bahabwa ibisubizo bibanogeye bitewe n'ibyo bifuzaga bijyanye n'inshingano za NEC. Mu rwego rw'imikoranire n'izindi Nzego, mu gihembwe mwaka wa 2022 hakozwe ibikorwa bibiri (2) by'ingenzi bikurikira:

**1) Igikorwa cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 28**

Ku bufatanye bwa NEC, RRA na OAG, hitabiriwe inama zitandukanye zateguraga igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 28 Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 mu cyumweru cy'icyunamo no kwibuka mu gihe cy'iminsi 100. Insanganyamatsiko yatoranyijwe mu mwaka wa 2022 ni **"Kwibuka twiyubaka"**. Ku itariki ya 12/04/2022, hatanzwe ikiganiro ku nsanganyamatsiko yiswe ***"Uruhare rw'ingengabitekerezo ya Jenoside mu gusenya ubumwe bw'Abanyarwanda n'inshingano za buri wese zo kububumbatira"***, cyatanzwe na General Kabarebe James.

**2) Gutegura no kuyobora amatora y'Inzego z'Urugaga rw'Abikorera (PSF)**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yunganiye Urugaga rw'Abikorera ndetse n'Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze gutegura no kuyobora amatora y'inzego z'Urugaga rw'Abikorera kuva ku rwego rw'Akagari kugeza ku rwego rw'Igihugu.

Uruhare rwa NEC rwari ugutanga inama n'abakorerabushake mu bikorwa by'imiyoborere y'amatora. Ayo matora yakozwe ku matariki akurikira:

1) 01/3/2022: Amatora y'abagize Komite z'Urugara rw'Abikorera ku rwego rw'Imirenge;
2) 04/3/2022: Amatora ya Komite Nyobozi, amatora y'abakemurampaka n'amatora ya Komite Nyobozi z'amahuriro ya PSF ku rwego rwa buri Karere;
3) 07/03/2022: Amatora ya Komite Nyobozi z'amahuriro na Komite Nyobozi ya PSF ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali;
4) 16/03/2022: Amatora ya Komite Nyobozi ya Komite Nyobozi ya PSF ku rwego rw'Igihugu.

## 3.5. IMICUNGIRE Y'UMUTUNGO WA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

### 3.5.1. Imicungire y'abakozi

#### 3.5.1.1. Imihigo y'Abakozi

Mu ntangiriro y'umwaka wa 2021-2022 hakozwe isuzumabushobozi ry'abakozi ry'umwaka wa 2020-2021, hanategurwa Imihigo y'umwaka wa 2022-2022. Mu isuzumwa ry'Imihigo y'Abakozi ba NEC mu mwaka wa 2020-2021, abakozi 48 basuzumwe babonye amanota yo mu cyiciro cy'indashyikirwa. Umukozi wabonye amanota menshi yagize 97.1%, naho uwabonye amanota macye yagize 80.0% nk'uko imbonerahamwe ya 34 ibyerekana.

***Imbonerahamwe ya 34: Isuzumamikorere ry'abakozi ba NEC mu mwaka wa 2020-2021***

| Amanota | Umubare w'Abakozi | % |
|---|---|---|
| 95-100 | 3 | 6.2 |
| 90-95 | 30 | 62.5 |
| 85-90 | 8 | 16.7 |
| 80-85 | 7 | 14.6 |
| **Igiteranyo** | **48** | **100.0** |

Hashingiwe kuri gahunda y'ibikorwa bya NEC mu mwaka wa 2021-2022 buri mukozi wa NEC yakoze imihigo y'umwaka hakoreshejwe porogaramu nshya y'ikoranabuhanga ya "SMARTHR".

#### 3.5.1.2. Gushaka abakozi bakenewe

Hashingiwe ku myanya y'imirimo itarimo abakozi muri NEC, ariyo Legal Affairs Officer, Network and Security Administrator na Election Officer, hateguwe ibaruwa isaba aba bakozi muri databank (waiting list) ya MIFOTRA. MIFOTRA yasubije NEC iyimenyesha ko itanze umukozi ku mwanya wa Legal Affairs Officer ari we **HAGABIMANA Claude** watangiye imirimo ku italiki ya **01/04/2022**, abandi

babiri ntibabonetse ku rutonde rw'abatsinze ibizamini bategereje gushyirwa mu myanya (waiting list), bityo NEC ihabwa uburenganganzira bwo gukomeza kubashaka binyuze mu irushanwa (recruitment process).

NEC yandikiye RISA iyisaba umukozi wa kunganira abakozi bayo mu gikorwa cyo gushaka umukozi wo mu Ishami ry'Ikoranabuhanga utari mu mwanya, umwaka warangiye igisubizo kitaraboneka. Nanone hamaze gusuzumwa ibikoresho bikenewe kugira ngo aba bakozi bashakwe (mudasobwa zo gukoreraho ikizamini, ibyumba bigari bikorerwamo ibizamini,…), byagaragaye ko NEC iri muri gahunda yo kuvugurura imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yayo, hemezwa ko igikorwa gisubikwa mu gihe hategerejwe ibizava muri iryo vugurura.

### 3.5.2. Imicungire y'ingengo y'imari

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yabonye mu mwaka wa 2021-2022 ingengo y'imari yose ingana na **2,848,547,929 Frw** iturutse mu Kigega cya Leta, ikoreshaho ingana na **2,816,236,794 Frw**, ihwanye na **98.9%** nk'uko imbonerahamwe ya 35 ikurikira ibigaragaza.

***Imbonerahamwe ya 35: Ingengo y'imari ya NEC n'uko yakoreshejwe mu mwaka wa 2021-2022***

| Ibikorwa | Ingengo y'Imari y'umwaka | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | Yemejwe | Yakoreshejwe | | Yasigaye | |
| | | Yose | % | Yose | % |
| Imishahara n'uduhimbazamusyi | 1,279,556,517 | 1,263,917,096 | 98.8 | 15,639,421 | 1.2 |
| Ibikoresho byo mu biro no gutubura inyandiko | 221,206,148 | 221,205,126 | 100.0 | 1,022 | 0.0 |
| Ibikoresho byo mu biro n'iby'Ikoranabuhanga | 110,894,920 | 106,875,720 | 96.4 | 4,019,200 | 3.6 |
| Ingendo | 767,938,566 | 765,015,057 | 99.6 | 2,923,509 | 0.4 |
| Itumanaho | 76,893,117 | 76,231,862 | 99.1 | 661,255 | 0.9 |
| Kumenyekanisha ibikorwa | 110,158,002 | 107,932,181 | 98.0 | 2,225,821 | 2.0 |
| Amazi n'amashanyarazi | 48,708,460 | 48,627,284 | 99.8 | 81,176 | 0.2 |
| Gufata neza no gusana inyubako n'ibikoresho | 72,604,894 | 72,060,389 | 99.3 | 544,505 | 0.7 |
| Umutekano | 50,480,000 | 50,480,000 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Gufasha ibikorwa mbonezamubano | 12,000,000 | 12,000,000 | 100.0 | 0 | 0.0 |
| Kugura Serivisi zitandukanye | 19,400,000 | 18,006,177 | 92.8 | 1,393,823 | 7.2 |
| Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu | 78,707,305 | 73,885,902 | 93.9 | 4,821,403 | 6.1 |
| **IGITERANYO** | **2,848,547,929** | **2,816,236,794** | **98.9** | **32,311,135** | **1.1** |

Nk'uko bigaragara kuri iyi mbonerahamwe, igice kinini cy'ingengo y'imari itarakoreshejwe gituruka ku mishahara, ni ukuvuga 15,639,421 Frw ahwanye na 48.4% by'ingengo y'imari yose itarakoreshejwe (32,311,135 Frw), kubera abakozi batahembwe kuko batari mu myanya yabo nk'uko byerekanywe haruguru mu ngingo irebana n'imicungire y'abakozi.

## 3.6. IMIKORERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

### 3.6.1. Imikorere y'Inama y'Abakomiseri

Mu mwaka wa 2021-2022 hakozwe inama z'Abakomiseri **6** ku mataliki ya 16/07 na 27/08 mu mwaka wa 2021, 18/01; 08/02; 11/05 na 10/06 mu mwaka wa 2022. Izo nama zasuzumye kandi zifata imyanzuro ku ngingo zitandukanye zirebana n'imikorere ya NEC cyane cyane kwemeza gahunda z'ibikorwa, imyiteguro n'imiyoborere y'amatora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu. By'umwihariko kuva 06/09 kugera 31/12/2021, Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bakoze mu buryo buhoraho nk'uko biteganywa n'amategeko mu rwego rwa gahunda y'amatora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu.

Mu rwego rwo gusuzuma imigendekere y'amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yari yayobowe mu Ukwakira-Ugushyingo 2021 no gukora isuzumamigendekere ry'ibikorwa muri rusange mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka, hateguwe umwiherero w'akazi w'Abakomiseri n'Abakozi wabereye mu Karere ka RUBAVU kuva kuwa 26-30/12/2021. Umwiherero wari ugamije ibikurikira:

1) Inama rusange y'abakozi;
2) Gukora isuzumamigendekere ry'amatora y'Abayobozi b'Inzegoz'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu;
3) Kuganira ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa, y'umwaka wa 2021-2022 nyuma y'amezi mezi 6 ya mbere y'umwaka n'ingamba zo kwihutisha ibikorwa mbere y'uko umwaka w'ingengo y'imari urangira;
4) Kuganira ku by'ingenzi mu mushinga wa gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka wa 2022-2023;
5) Kuganira ku buryo bushya bwo gutegura Imihigo no guhigura;
6) Kuganira ku mikorere y'Ishyirahamwe ry'abakozi ba NEC «TWUBAKANE TWESE».

Uwo mwiherero wafatiwemo imyanzuro ikubiye mu ngingo z'ingenzi zikurikira:

1) Kongerera ubushobozi Abakomiseri n'abakozi mu miyoborere y'amatora binyuze mu mahugurwa ya ''Building Resources in Governance, Democracy and Elections'' (BRIGDE);
2) Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu gutegura, kuyobora amatora no mu mikorere ya NEC;
3) Kuvugurura imiterere n'imikorere y'itsinda ry'Abakozi n'Umukomiseri ku myanzuro yafashwe na Komite yateguye Politiki y'imicungire n'imibereho y'abakorerabushake b'amatora;
4) Gutegura ''Strategic Plan'' y'imyaka itanu ya NEC 2022-2027;
5) Isuzumamigendekere y'amatora y'Inzego z'Ibanze n'ay'Inama z'Igihugu ku rwego rw'Uturere;
6) Gukora ubushakashatsi bwihariye ku mitegurire n'imiyoborere y'amatora mu Rwanda;
7) Ubuvugizi mu Nzego za Leta bireba mu gufasha NEC kurushaho kurangiza neza inshingano zayo;
8) Kongera imbaraga abakozi no kunoza imikoranire hagati y'bakozi ba NEC bo ku rwego rw'Igihugu n'abakorera mu Ntara n'Umujyi wa Kigali mu gutegura no kuyobora amatora.

### 3.6.2. Imikorere y'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Nk'uko biteganywa n'Itegeko rigenga imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, *"Ubunyamabanga Nshingwabikorwa ni urwego rwa tekiniki rwa Komisiyo. Bufite inshingano yo gutunganya imirimo ya buri munsi ya Komisiyo, gutegura mu rwego rwa tekiniki no gukora imirimo yose ijyanye n'amatora."*

Ni muri urwo rwego mu mwaka wa 2021-2022 hakozwe inama **21** z'Ubuyobozi bw'Ubunyamabanaga Nshingwabikorwa ku matariki ya 06/07, 13/07, 03/09, 07/09, 13/09, 20/09, 20/10, 15/11, 23/11 na 20/12 mu mwaka wa 2021 no ku matariki ya 11/01; 07/02; 15/02; 14/03; 17/03/2022; 05/04; 05/05; 24/05; 13/06 na 28/06 mu mwaka wa 2022. Hakozwe kandi inama **2** zihariye ku matora y'Inzego z'Ibanze n'Inama z'Igihugu ku matariki ya 27/10/2021 na 12/11/2021. Inama zose zari zigamije kurebera hamwe, gufata ibyemezo no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Abakomiseri kuri gahunda n'ibikorwa bitandukanye bya NEC.

### 3.6.3. Kunoza imikorere ya NEC

#### 3.6.3.1. Ibirebana n'Igenamigambi

Mu rwego rw'Igenamigambi, mu mwaka wa 2021-2022 hakozwe iby'ingenzi bikurikira:

- Kunononsora gahunda y'ibikorwa bya NEC mu mwaka wa 2021-2022, gutegura raporo y'Ibikorwa bya NEC mu mwaka wa 2020-2021 no kubigeza ku nzego ziteganywa n'amategeko;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2021-2021 no gukora isuzuma ry'amezi 6 ryayo;
- Gutegura umushinga wa gahunda y'ibikorwa bya NEC mu mwaka 2022-2023 no gukurukirana iyemezwa ryawo;
- Gutegura «Strategic Plan» 2022-2027 ya NEC.

### 3.6.3.2. Ibirebana no gutegura no gutanga amasoko

Amasoko y'amahoteli 16 yatanzwe mu gihugu hose abazwe nk'isoko rimwe kuko yatangiwe rimwe, mu mwaka wa 2020-2021. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateganyije amasoko **29**, itanga amasoko **22** ahwanye na **75.8%**, hasubikwa 7 ahanini biturutse ku mpamvu zo kubura ingengo y'imari n'isanwa rusange ry'inyubako NEC ikoreramo. Imbonerahamwe ya 36 ikurikira irerekana amasoko yatanzwe, abayatsindiye, igihe amasezerano azamara n'agaciro ka buri soko.

***Imbonerahamwe ya 36: Amasoko yatanzwe muri NEC mu mwaka wa 2021-2022***

| No | Isoko | Uwatsindiye isoko | Igihe amasezerano azamara | Agaciro k'isoko |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Cleaning services at NEC Headquarters offices | BAJ LTD | 1-year renewable | 1,179,717Frw/month |
| 2 | Conference hall, accommodation and catering services | EASTLAND HOTEL LTD | 1-year renewable | 613,731Frw framework contract |
| 3 | Conference hall, accommodation and catering services | FATIMA HOTEL Ltd | 1-year renewable | 1,814,600Frw framework contract |
| 4 | Conference hall, accommodation and catering services | MUNINI HILL MOTEL LTD | 1-year renewable | 831,310Frw/framework contract |
| 5 | Conference hall, accommodation and catering services | SILENT HILL (R) LTD | 1-year renewable | 592,236Frw framework contract |
| 6 | Conference hall, accommodation and catering services | DEREVA HOTEL RWAMAGANA LTD | 1-year renewable | 1,356,030Frw framework contract |
| 7 | Conference hall, accommodation and catering services | HOME INN LTD | 1-year renewable | 1,209,587Frw/framework contract |
| 8 | Conference hall, accommodation and catering services | VI.VE HOTEL& APARTMENT Ltd | 1-year renewable | 812,666Frw/framework contract |
| 9 | Conference hall, accommodation and catering services | ALLIANCE KIGALI LIBRE SERVICE LEMIGO HOTEL AKLS LTD | 1-year renewable | 3,890,201Frw framework contract |
| 10 | Conference hall, accommodation and catering services | NOBLEZA HOTEL LTD | 1-year renewable | 1,210,721Frw framework contract |
| 11 | Conference hall, accommodation and catering services | FALIBA COMPANY Ltd | 1-year renewable | 1,035,061Frw framework contract |
| 12 | Conference hall, accommodation and catering services | CHRIS COMPANY LTD | 1-year renewable | 1,409,215Frw framework contract |
| 13 | Conference hall, accommodation and catering services | HOTEL GOLF EDEN ROCK | 1-year renewable | 1,290,285Frw framework contract |
| 14 | Conference hall, accommodation and catering services | CENTRE PASTORAL NOTRE DAME DE FATIMA LTD | 1-year renewable | 1,438,205Frw framework contract |
| 15 | Conference hall, accommodation and catering services | VIRUNGA HOTEL LTD | 1-year renewable | 1,672,300Frw framework contract |
| 16 | Conference hall, accommodation and catering services | KIGALI DIPLOMATE HOTEL LTD | 1-year renewable | 2,030,072Frw framework contract |
| 17 | Conference hall, accommodation and catering services | HOTEL HILLTOP AND COUNTRY CLUB LTD | 1-year renewable | 1,418,596Frw framework contract |
| 18 | Printing services | IVAX CORP Ltd | 1-year renewable | 27,556Frw framework contract |

| No | Isoko | Uwatsindiye isoko | Igihe amasezerano azamara | Agaciro k'isoko |
|---|---|---|---|---|
| 19 | Acquire modernized ICT Equipment and software | ADEODATUS Ltd | 60days | 60,975,720 Frw |
| 20 | Supply of Banners | TOUCH R4 GROUP Limited | 1 –year renewable | 93,220 Frw total unit price |
| 21 | Cleaning services at NEC Headquarters offices | BAJ LTD | 1 year | 1,179,717 Frw per month |
| 22 | Production of Radio Program of 15 minutes per week | HAVILLA MEDIA Ltd | 1 year | 100,000 Frw |
| 23 | Production of Radio and TV spots | HAVILLA MEDIA Ltd | 1 year | 362,500 Frw |
| 23 | Decoration and hire of tents | BIGIRA GENERAL SUPPLIES Lt | 1 year | 246,620 Frw |
| 25 | Supply of beverages | FUTURIS COMPANY Ltd | 1 year | 111,587 Frw |
| 26 | Rental cars | COTAVONYA | 1 year | 31,860 Frw |
| 27 | Maintenance of NEC field immovable assets (Offices) | OPEN MIND 3 Ltd | 1 year | 244,177 Frw |
| 28 | Acquisition of spare parts for lift and generator | Fresnelle Networking & Supply Ltd and Societe de Commerce de Distribution et de Fourniture (SOCODIF) Ltd | 1 year | 1,047,369 Frw |
| 29 | Supply of office stationeries and computer consumables 1st Quarter | BRIGHT TRADE & INDUSTRY Ltd, | 30 Days | 7,870,600 Frw |
| 30 | Supply of books | KITEST ENTERPRISES (U) LTD | 60days | 4,062,711 Frw |
| 31 | Postage and couriers at International | National Post Office | 1 year | 1,668,225 Frw |
| 32 | Postage and courriers at National | SKYNET WORLDWIDE EXPRESS LTD | 1 year | 46,020 Frw |
| 33 | Communication services(CUG, Airtime) | MTN RWANDACELL LIMITED | 2 years | 2,932,000 Frw /monthly |
| 34 | Cleaning services at NEC field offices | BAJ LTD | 1 year | 14,984,020 Frw |
| 35 | Insurance for NEC long term movable assets (Re-advertised) | SONARWA GENERAL INSURANCE COMPANY Ltd | 1 year | 13,000,000 Frw |
| 36 | Conduct feasibility study on update and management of decentralized voter's register through digital system | N&M CONSULTANCY Ltd | 2 months | 7,700,000 Frw |
| 37 | Hire a consultant company to develop 2022-2027 NEC Strategic Plan | WAMIRA and Associates Ltd | 60 days | 8,497,770 Frw |

#### 3.6.3.3. Ibirebana n'Imicungire y'Isomero n'Ubushyinguranyandiko

Mu mwaka wa 2021-2022 abagana inzu y'isomero bakomeje kwakirwa ndetse n'urutonde rw'ibitabo (catalog) biri mu nzu y'isomero rwaravuguruwe hongerwamo ibitabo bishya byabonetse. By'umwihariko haguzwe ibitabo bishya **73** binyuze mu masoko ya Leta. Igikorwa cyo gutunganya ubushyinguranyandiko cyarakomeje, hakorwa ibikurikira:

- Gutoranya inyandiko z'imyaka ya 2006, 2007, 2017, 2018, 2018 na 2021 no kuzibika neza;
- Gutunganya nimero z'Igazeti ya Leta z'umwaka wa 2020 zigomba kubikwa;
- Kubika neza ibinyamakuru.

#### 3.6.3.4. Ibirebana n'Ubugenzuzi

Mu rwego rw'ubugenzuzi bwite ba NEC, mu mwaka wa 2021-2022 hakozwe ibikurikira:

- Ubugenzuzi ku micungire y'abakozi ;
- Ubugenzuzi ku micungire y'umutungo n'ibikoresho;
- Ubugenzuzi ku mitegurire n'imitangire ya raporo z'ibikorwa;
- Ubugenzuzi ku mitangire y'amasoko ya Leta muri NEC.

Raporo z'ubugenzuzi zarakowe, zishyigikirizwa inzego zitenganywa n'amategeko kandi hakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe.

#### 3.6.3.5. Ibirebana n'Ubujyanama mu by'amategeko

Uretse ibirebana n'amategeko n'amabwiriza y'amatora byavuzwe mu bice byabanje muri iyi raporo, mu rwego rw'ubujyanama mu by'amategeko y'imikorere n'imikoranire muri NEC hakozwe iby'ingenzi bikurikira:

- Gutanga ibitekerezo k'Umushinga w'Itegeko rigena ishingano, imiterere n'imikorere bya NEC ;
- Gutanga inama mu by'amategeko ku bibazo bitandukanye bireba imikorere y'abakozi ba NEC;
- Gusuzuma no kwemeza amasezerano y'amasoko;
- Guha abakozi ba NEC "***Ikiganiro ku Itegeko Nº 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta***".

## 3.7. KONGERERA UBUSHOBOZI KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

### 3.7.1. Kongera ubushobozi bw'abakozi

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imitangire y'amasoko muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, ndetse no kumenya uruhare rwa buri wese mu migendekere myiza y'itangwa ry'amasoko hubahirizwa amategeko n'amabwiriza, kuva 21-25/03 2022, abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bahawe amahugurwa n'impuguke zo muri RPPA, Bwana Edison Nsengiyumva na Madamu Umuhoza Yvette bakora nka |"Capacity Building, Coaching and Monitoring Specialists". Amahugurwa yitabiriwe n'abakozi **16** bafite aho bahurira mu mirimo ya buri gihe n'amasoko ya Leta nk'uko imbonerahamwe ya 37 ikurikira ibyerekana.

**Imbonerahamwe ya 37*****: Abakozi bitabiriye amahugurwa ku micungire y'amasoko ya Leta***

| Nº | AMAZINA | ICYO AKORA |
|---|---|---|
| 1. | BUHIGIRO Patrick | Human Resources Management Specialist |
| 2. | BUSOGI Claude | Database and Software Management Specialist / Receiving Committee Member |
| 3. | BIZIMANA Andre | Election Officer & Tender Committee member |
| 4. | DUSHIMUMUKIZA Elican | Internal Auditor |
| 5. | MUSEKEWEYA Gloriose | Ag Legal Affairs Officer |
| 6. | INGABIRE Alice | Election Officer & Tender Committee member |
| 7. | IRAMBONA Liberata | CoK Election Coordinator & Tender Committee member |
| 8. | KALISA John | Procurement officer & Tender Committee member |
| 9. | KWITONDA Jean Baptiste | Plannining, M&E Officer |
| 10. | UMUTESI Faith | ICT Officer |
| 11. | MUCYOMWIZERE M. Claire | Logistics Officer & Receiving Committee member |
| 12. | MUTABARUKA Sylvestre | Election Officer & Receiving Committee member |
| 13. | KATETE Enock | Election Civic Education Program Officer & Receiving Committee member |
| 14. | NIYIGENA J.Bosco | Administrative Assistant/ Deputy Executive Secretary |
| 15. | TUMUBARE Albert | Budget Officer |
| 16. | UMUTONI KALISA | Logistics Officer & Receiving Committee member |

### 3.7.2. Kongera ubushobozi bw'Ikoranabuhanga

Mu ikoranabuhanga, mu mwaka wa 2021-2022 hibanzwe ku bijyanye no kugura ibikoresho na porogaramu by'ikoranabuhanga, kushyiraho uburyo bushya bw'itumanaho mu kazi no gushaka impuguke zifasha NEC gukora inyigo ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu bikorwa by'amatora.

#### 3.7.2.1. Gushakira abakozi ba NEC itumanaho ryihuse

Mu rwego rwo gufasha abakozi bayo kurangiza neza imirimo bashinzwe, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igenera abakozi bayo bose uburyo bw'itumanaho ifatanyije n'ibigo bikora ibijyanye

n’itumanaho mu Rwanda aribyo MTN na AIRTEL. Isoko ryaratanzwe, ryegukanwa na MTN isinyana amasezerano na NEC ajyanye na airtime na CUG, naho ibijyanye na internet hifashishijwe amasezerano MTN yasinyanye na RISA ihagarariye ibigo bya Leta. Abakozi bose ba NEC bashyizwe mu buryo buhuriwe bw’itumanaho nta mafaranga agenda (CUG) kandi na interineti, hashingiwe ku mabwiriza ya Leta, yatanzwe mu buryo 2 biturutse ku mahitamo ya buri mukozi:

- Itumanaho mu rugo (Home connectivity);
- Itumanaho rigendanwa (4G mobile connectivity).

Nyuma yo guhitamo uburyo bubanogeye no ku bufatanye na MTN, abakozi 42 bahawe itumanaho mu rugo naho abakozi 14 bahabwa itumanaho rigendanwa.

#### 3.7.2.2. Gushaka ibikoresho by’ikoranabuhanga

Hashatswe kandi hakirwa porogaramu n’ibikoresho by’ikoranabuhanga bitandukanye byaguzwe nk’uko imbonerahamwe ya 38 ikurikira ibigaragaza.

***Imbonerahamwe ya 38: Ibikoresho na porogaramu by’ikoranabuhanga byaguzwe***

| N$^{O}$ | Igikoresho/Porogaramu | Umubare |
|---|---|---|
| 1 | Catridges for printer i-sensys mf 4450 | 50 |
| 2 | Antivirus | 200 licences |
| 3 | Transfer Beltof HPColor laserjet CP5525 | 2 |
| 4 | Toner for Canon IR3245N | 5 |
| 5 | Catridges for printer hp laserjet enterprise M806x+ | 50 |
| 6 | Catridges for printer HP laserjet 4015 | 15 |
| 7 | Firewalls | 2 |
| 8 | Air conditioners | 2 |
| 9 | Cameras with accessories | 30 |
| 10 | NVR with 8 disks | 1 |
| 11 | Switches | 2 |
| 12 | Network cables | - |
| 13 | Screen | 1 |
| 14 | PBX | 1 |
| 15 | UPS | 2 |

#### 3.7.2.3. Gutegura inyigo ku ikoreshwa ry’ikoranabuhanga mu matora

Mu rwego rwo kurushaho kunoza ibikorwa by’amatora, Komisiyo y’Igihugu y’Amatora yateganyije kongera ikoreshwa ry’ikoranabuhanga mu migendekere n’imiyoborere y’amatora mu Rwanda. Bimwe mu by’ingenzi bigikeneye kongerwamo ikoranabuhanga mu migendekere n’imiyoborere y’amatora ni ibi bikurikira:

1) Kwiyandikisha ku ilisiti y’itora;
2) Kubarura no gutangaza ibyavuye mu matora;
3) Kwiyandikisha/kwakira indorerezi;
4) Kwiyandikisha/kwakira abakandida;
5) Gucunga no gukurikira (management) y’abakorerabushake;
6) Gutora hakoreshejwe ikoranabuhanga (online voting) cyane cyane kuri Diaspora.

Kubera uburemere bw’uyu mushinga, NEC yasanze ari ngombwa ko hashakwa impuguke yo gukora inyigo ku buryo washyirwa mu bikorwa. Binyuze mu itangwa ry’amasoko, Company yitwa “N&M CONSULTANCY LTD” niyo yatsindiye isoko kandi inyigo yarakozwe ikaba izifashishwa mu bikorwa biteganyijwe byo kongera no kunoza ikoreshwa ry’ikoranabuhanga mu mitegurire n’imiyoborere y’amatora.

### 3.8. IBYAGEZWEHO N'INGENGO Y'IMARI YAKORESHEJWE

Mu mwaka wa 2021-2022 NEC yatunganyije ibikorwa bitandukanye. Imbaraga zihariye zashyizwe mu bikorwa by’imyiteguro n’imiyoborere y’amatora y’Inzego z’Ibanze n’Inama z’Igihugu nyuma y’isubukurwa ryayo binyuze mu Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo ku wa 24/09/2021 rimenyesha isubukurwa ry’amatora. Ibikorwa by'ingenzi byatunganyijwe mu mwaka wa 2021-2022 ni ibi bikurikira:

1) Gutegura no koyobora amatora y’Abayobozi y’amatora y’Inzego z’Ibanze n’ab’Inama z’Igihugu;
2) Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza Njyanama na Komite Nyobozi z’Umujyi wa Kigali;
3) Kuvugurura Ilisiti y’Itora yakoreshejwe mu matora y’Inzego z’Ibanze n’Inama z’Igihugu yo m’Ukwakira-Ugushyingo 2021;
4) Gutegura gahunda y’imyaka 5 “Strategic Plan “ 2022-2027 ya NEC;
5) Gutegura no gusuzuma gahunda y’inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora;
6) Guhugura ibyiciro bigira uruhare mu matora;
7) Kumenyekanisha ibikorwabya NEC;
8) Gushyira mu bikorwa Igenamigambi ry'umwaka wa 2021-2022 no gutegura irya 2022-2023;
9) Gushyira mu bikorwa gahunda y’amasoko y'umwaka wa 2021-2022 no gutegura iya;
10) Gushyira mu bikorwa imicungire y’imari, abakozi n’umutungo;
11) Gukora ubugenzuzi bw’imicungire y’umutungo n’imari muri NEC.

Nk'uko byagaragajwe haruguru mu buryo burambuye mu gice kirebana n'imicungire y'imari, ingengo y'imari yose yakoreshejwe mu mwaka wa 2021-2022 ingana na **2,816,236,794Frw** ku ngengo y'imari yose ya **2,848,547,929Frw** yemerewe**, ni ukuvuga ishyirwa mu bikorwa ku gipimo cya 98.9%** nk'uko imbonerahamwe ya 39 ibyerekana, hashingiwe kuri porogaramu/suporogaramu z'ibikorwa baya NEC.

***Imbonerahamwe ya 39: Ingengo y'Imari yose yakoreshejwe mwaka wa 2021-2022***

| **Porogaramu/ Suporogaramu** | **Ingengo y'imari (Frw)** | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | **Yateganyijwe** | **Yakoreshejwe** | | **Yasigaye** | |
| | **#** | **#** | **%** | **#** | **%** |
| Ubutegetsi, Imari n'Imirimo ya buri munsi (Administrative and Support Services) | 1,303,404,246 | 1,276,257,428 | 97.9 | 27,146,818 | 2.1 |
| Imiyoborere y'amatora (Election Preparation and Management) | 1,420,276,378 | 1,419,933,464 | 99.9 | 342,914 | 0.1 |
| Uburere Mboneragihugu ku matora (Civic Education on Elections) | 124,867,305 | 120,045,902 | 96.1 | 4,821,403 | 3.9 |
| **Igiteranyo** | **2,848,547,929** | **2,816,236,794** | **98.9** | **32,311,135** | **1.1** |

## 4. INZITIZI ZAGARAGAYE N’INGAMBA

N’ubwo muri rusange ibyari biteganyijwe byagezweho ku gipimo gishimishije, hari ibitarashoboye gukorwa biturutse ku mpamvu ahanini zishingiye ku ngengo y’imari kuko iyari yateganyijwe yashyizwe mu matora y’Inzego z’Ibanze n’Inama z’Igihugu yakozwe atari yarateganyirijwe ingengo y’imari ihagije kuko icyemezo cy’uko akorwa cyafashwe burundu mu mwaka hagati (muri Nzeri 2021). Ikindi ni uko

icyorezo cya Covid-19 cyahagaritse imyiteguro n'imiyoborere y'amatora ya Komite y'Abunzi yari ateganyijwe mu ntangiriro z'umwaka w'ingengo y'imari 2021-2022 (Nyakanga- Kanama 2022).

Ibikorwa by'ingenzi bitashoboye gukorwa kubera izo mpamvu ni ibikurikira:

- Gutegura no kuyobora amatora ya Komite y'Abunzi;
- Korohereza ingendo n'itumanaho Komite Mpuzabikorwa z'Uburere Mboneragihugu kugira ngo zihugure abaturage ku matora;
- Gutegura no kuyobora amatora y'Abakandida bazatorwamo abahagarariye ibyiciro byihariye muri EALA;
- Kugura Porogaramu nshya y'ikoranabuhanga icunga imiyoborere y'amatora.

Mu rwego rwo guhangana n'inzitizi zabonetse, nyuma yo kubiganiraho n'inzego zigira uruhare mu itegurwa ry'igenamigambi ry'Igihugu, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyize mu igenamigambi ry'umwaka wa 2022-2023 ibikorwa bitakozwe byavuzwe, kugira ngo bizatunganywe.

## 5. IBIKORWA BY'INGENZI BITEGANYIJWE MU MWAKA WA 2022-2023

Ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe muri gahunda y'ibikorwa y'umwaka wa 2022-2023 ni ibi bikurikira:

1) Gutegura no kuyobora amatora y'abagize Komite y'Abunzi;
2) Gutegura no kuyobora amatora y'Abakandida bahagarariye ibyiciro byihariye mu matora y'Abadepite ba EALA;
3) Gutegura amatora y'Abadepite ateganyijwe mu mwaka wa 2023;
4) Gutegura no kuyobora amatora yo kuzuza imyanya itakirimo abayobozi;
5) Kuvugurura Porogaramu y'ikoranabuhanga ifasha mi miyoborere y'amatora no kuvugurura ilisiti y'itora ikorerwa ku rwego rw'Akarere;
6) Gutegura isuzumabikorwa ry'ibyakozwe muri porogaramu y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora mu mwaka wa 2021-2022;
7) Gutegura porogaramu y'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora yo mu mwaka wa 2022-2023 no kuyishyira mu bikorwa;
8) Kumenyekanisha ibikorwa by'amatora;
9) Kunoza igenamigambi ry'umwaka wa 2022-2023 no gutegura iry'umwaka wa 2023-2024;
10) Gukomeza kunoza imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora binyuze mu gutanga serivisi, inama, ikoranabuhanga mu kazi, imicungire y'abakozi n'ubugenzuzi.

## 6. UMUSOZO

Mu mwaka wa 2021-2022 NEC yatunganyije ibikorwa byinshi byiganjemo imyiteguro n'imiyoborere y'amatora y'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yakozwe mu Ukwakira-Ugushyingo 2021. Hari ibitaragezweho, harimo amatora ya Komite y'Abunzi, kubera icyorezo cya Covid-19 n'ingengo y'imari idahagije kuko bitewe n'uburemere bw'amatora y'Inzego z'Ibanze, hari iyari iteganyijwe yashyizwe mu matora y'Inzego z'Ibanze amaze gusubukurwa.

Mu mwaka wa 2022-2023 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izasubukura ibikorwa byavuzwe haruguru bitashoboye gukorwa harimo amatora ya Komite y'Abunzi, inashyire ingufu mu myiteguro y'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikomeje gushimira abafatanyabikorwa bose mu bikorwa by’amatora harimo Guverinoma y’u Rwanda, ku bushobozi yayigeneye, n’Abanyarwanda bose muri rusange ku bwitabire n’imyitwarire myiza bagaragaje mu matora y’Inzego z’Ibanze n’Inama z’Igihugu.

Komisyo y’Igihugu y’Amatora iboneyeho umwanya wo gukangurira Abanyarwanda bose ibikorwa by’amatora ya Komite y’Abunzi ateganyijwe muri Nzeri-Ukwakira 2022 n’imyiteguro y'amatora y’Abadepite ateganyijwe mu mwaka wa 2023.